
**IGITABO CY'AMASENGESHO YO GUSABIRA UBUMWE BW'ABAKRISTO BUSHINGIYE KURI BIBILIYA**

## UMWAKA WA 2021



**<u>INSANGANYAMATSIKO:</u>**

**Nimugume mu rukundo rwanjye ni bwo muzera imbuto nyinshi**
***(Reba Yh 15,5-9)***

*Aka gatabo kateguwe kandi gatangazwa ku bufatanye bw'Inama ifasha Papa guteza imbere ubumwe bw'abakristo na Komisiyo ishinzwe "Ukwemera n'inzego ziyigize" y'Inama y'amatorero ku isi*.

.

Imirongo y'Ibyanditswe yakoreshejwe

Amasomo yo muri Bibiliya yakoreshejwe muri iki gitabo yakuwe muri "Bibiliya Ijambo ry'Imana" .

**IGITABO GISHOBORA GUKORESHWA UMWAKA WOSE**

## AMABWIRIZA KU BANTU BATEGURA ICYUMWERU CY'AMASENGESHO YO GUSABIRA UBUMWE BW'ABAKRISTO

### Gushakashaka ubumwe mu gihe cy'umwaka wose

Mu bihugu byo mu majyaruguru y'isi, Icyumweru cy'amasengesho yo gusabira ubumwe bw'abakristo gihimbazwa kuva ku wa 18 kugeza ku wa 25 Mutarama. Ayo matariki yagenwe na Pawulo Wattson mu mwaka w'1908, ayahuza n'igihe kiri hagati y'iminsi mikuru y'abatagatifu Petero na Pawulo. Birumvikana ko iryo hitamo rifite icyo rishushanya. Mu bihugu byo mu majyepfo y'isi, aho ukwezi kwa Mutarama guhuririrana n'ibiruhuko by'igihe cy'ubushyuhe, bahisemo gufata indi tariki, mbese nka hafi ya Pentekote (bashyigikiwe na Komisiyo ishinzwe « Ukwemera n'inzego ziyigize » mu w' 1926), itariki na none ifite icyo ishushanya mu byerekeranye n'ubumwe bw'umuryango w'abemera Kristo.

Mu gukomeza uwo mwuka w'ubwumvikane, turabashishikariza gufata aya masomo muri uyu mwaka wose kugira ngo ugaragaze urwego rw'ubusabane Amatorero amaze kugeraho, no gusengera hamwe hagamijwe kubaka ubumwe bwuzuye Kristo yifuza.

### Guhuza amasomo n'imiterere y'abantu cyangwa iy'igihugu

Birumvikana ko igihe cyose bishoboka, aya masomo yateguwe azahuzwa n'imiterere itandukanye y'ahantu cyangwa iy'igihugu. Muri icyo gikorwa, ni ngombwa kwita ku bikorwa bijyanye na liturujiya y'ubuyoboke bw'ahantu cyangwa y'igihugu ndetse n'imibereho y'abaturage n'umuco wabo. Uko guhuza amasomo n'imiterere y'ahantu cyangwa iy'igihugu, birumvikana ko byagombye gushyira imbere ubumwe bw'amatorero y'abemera Kristo. Mu bihugu byinshi, inzego zigamije kubaka ubwo bumwe zamaze gushyirwaho kandi zibafasha guhuza aya masomo n'imiterere y'ababituye. Aho zitari, turizera ko icyo gikorwa cy'ingenzi cyo guhuza amasomo y'Icyumweru cy'amasengesho n'imiterere y'ahantu cyangwa iy'igihugu, kizatuma bagira ishyaka ryo kuzishyiraho.

**Uburyo bwo gukoresha amasomo y'Icyumweru cy'ubumwe bw'abakristo**

- Ku matorero n'imiryango ya gikristo bahimbariza hamwe Icyumweru cy'amasengesho asabira ubumwe bw'abakristo, aka gatabo gateganya urugero rw'iteraniro rusange ryo guhimbaza Ijambo ry'Imana.
- Amatorero n'imiryango ya gikristo bashobora kwinjiza mu materaniro yabo y'isengesho amasomo yateganyijwe mu minsi umunani, no guhitamo muri amwe mu masengesho ateganyijwe muri aka gatabo bitewe n'ibyo bateguye.
- Amatorero n'imiryango ya gikristo bahimbaza Icyumweru cy'amasengesho asabira ubumwe bw'abakristo bubahiriza ibyateganyirijwe buri munsi, bashobora kwifashisha amasomo ateganyijwe muri iyi "minsi umunani".
- Abantu bashaka kongera ubumenyi mu bijyanye na Bibiliya ku nsanganyamatsiko y'Icyumweru cy'amasengesho asabira ubumwe bw'abakristo, na bo bashobora guhera ku masomo n'ibitekerezo biteganyijwe mu Minsi umunani. Ibiganiro bya buri munsi bishobora gusozwa n'amasengesho rusange.
- Ku bantu bifuza gusenga bari ukwabo, amasomo ari muri aka gatabo ashobora kunganira amasengesho yabo kuko abibutsa ko bunze ubumwe n'abandi bose ku isi basenga basabira ubumwe bukomeye kandi bugaragara bw'umuryango w'abemera Kristo.

## ISOMO RYO MURI BIBILIYA

*Yohani 15, 1-17*

*Ni jye muzabibu w'ukuri kandi Data ni we uwuhingira. Ishami ryose ryo kuri jye ritera arivanaho, naho iryera ryose ararikaragira ngo ribe risukuye rirusheho kurumbuka. Namwe mumaze gusukurwa n'ibyo nababwiye. Nimugume kuri jye nanjye ngume muri mwe. Nk'uko ishami ubwaryo ritabasha kwera ridafashe ku muzabibu, ni ko namwe mutabasha gukora ibyiza mutagumye kuri jye.*

*Ni jye muzabibu namwe muri amashami. Uguma kuri jye nanjye nkaguma muri we, uwo ni we wera imbuto nyinshi kuko ari nta cyo mubasha gukora mudafashe kuri jye. Utaguma kuri jye ajugunywa kure akuma nk'ishami. Amashami nk'ayo barayasakuma bakayashyira mu muriro agakongoka. Nimuguma kuri jye, n'amagambo yanjye agahora muri mwe, musabe icyo mushaka cyose muzagihabwa. Igihesha Data ikuzo ni uko. mwera imbuto nyinshi, ni bwo muzaba abigishwa banjye. Uko Data yankunze, ni ko nanjye nabakunze, nimugume mu rukundo rwanjye. Nimukurikiza amategeko yanjye muzaguma mu rukundo rwanjye, nk'uko nanjye nakurikije amategeko ya Data nkaguma mu rukundo rwe.*

*Ibyo mbibabwiriye kugira ngo ibyishimo byanjye bibe muri mwe, kandi n'ibyishimo byanyu bibe bisesuye. Ngiri itegeko ryanjye: mukundane nk'uko nabakunze. Nta wagira urukundo ruruta urw'umuntu upfira incuti ze. Mwe muri incuti zanjye niba mukora ibyo mbategeka. Sinkibita abagaragu kuko umugaragu atamenya ibyo shebuja akora. Ahubwo nabise incuti kuko nabamenyesheje ibyo Data yambwiye byose. Si mwe mwantoranyije, ahubwo ni jye wabatoranyije, mbatuma kujya kwera imbuto kandi ngo izo mbuto zanyu zigumeho, kugira ngo icyo muzasaba Data cyose mu izina ryanjye azakibahe. Icyo mbategetse rero ni ugukundana*.

**Bibiliya Ijambo ry'Imana**

## IJAMBO RY'IBANZE KU NSANGANYAMATSIKO Y'UMWAKA WA 2021

**Nimugume mu rukundo**
**rwanjye ni bwo muzera**
**imbuto nyinshi.**

*(Reba Yn 15,5-9)*

Agatabo kazifashishwa mu Cyumweru cy'amasengesho yo gusabira ubumwe bw'Abakristo mu mwaka wa 2021 kateguwe n'umuryango w'abamonaki b'i Grandchamp.[1] Insanganyamatsiko yatoranijwe, "*Nimugume mu rukundo rwanjye ni bwo muzera imbuto nyinshi*", iri mu ivanjili ya Mutagatifu Yohani 15, 1-17 ikaba inajyanye n'umuhamagaro w'abo bamonaki wo gusenga, ubwiyunge n'ubumwe mu itorero no mu bantu.

Ahagana mu mwaka w'1930, abagore bo mu itorero rivuguruye ryo mu Busuwisi buvuga Igifaransa bari mu itsinda rizwi ku izina rya *"Ladies of Morges"* bongeye kubona akamaro ko guceceka mu rwego rwo kurushaho gucengerwa n'Ijambo ry'Imana. Muri icyo gihe, bongeye kubyutsa imyitozo y'umwiherero wo mu mwuka kugira ngo bagaburire ubuzima bwabo bwo kwizera, bamurikiwe n'urugero rwa Kristo ubwo yajyaga gusengera ahitaruye. Bidatinze, bifatanije n'abandi bantu bitabiraga umwiherero wahoraga ubera muri Grandchamp, agace gato kari hafi y'ikiyaga cya Neuchâtel. Byagezeho basanga ari ngombwa gukora amasengesho ahoraho no kwakira abashyitsi n'abiherera barushagaho kugenda biyongera.

Muri iki gihe turimo, uyu muryango ugizwe n'abagore mirongo itanu, bo mu myaka yose, no mu matorero, ibihugu n'imigabane bitandukanye. Muri ubwo budasa bwabo, aba bashiki bacu batubereye urugero rwiza rwo kunga ubumwe. Bakomeye ku buzima bw'isengesho, ubuzima bwo mu muryango no kwakira abashyitsi. Aba bashiki bacu basangira ubuntu bw'ubuzima bwabo bwa kimonaki n'abashyitsi n'abakorerabushake bajya muri Grandchamp mu rwego rwo kwiherera, gufata umwanya wo guceceka, gukira cyangwa kurushaho gusobanukirwa.

---

[1] . Reba kandi ibyerekeranye n'uyu muryango ku mwisho w'aka gatabo cyangwa ku rubuga www.grandchamp.org.

Bashiki bacu ba mbere bahuye n'ibibazo bishingiye ku butandukane bw'amatorero ya gikristo. Mu guhangana na byo batewe akanyabugabo n'ubucuti bari bafitanye na padiri Pawulo Couturier, impirimbanyi y'Icyumweru cy'amasengesho yo gusabira ubumwe bw'abemera Kristo. Ni yo mpamvu, kuva yatangira, amasengesho yo gusabira ubumwe bw'abemera Kristo yagize uruhare runini mu buzima bw'uyu muryango. Ubu bwitange bw'ab'i Grandchamps n'ubudahemuka bwabo ku nkingi eshatu z'amasengesho, ku buzima bw'umuryango no kwakira abashyitsi, ni byo byashingiweho mu gutegura aka gatabo.

**Kuguma mu rukundo rw'Imana ni ukwiyunga nawe ubwawe.**

Amagambo y'igifaransa "*moine*" (umumonaki) cyangwa "*moniale*" (umumonakikazi) akomoka mu kigereki "*μόνος*" bisobanura wenyine kandi umwe. Imitima yacu, imibiri yacu n'ubwenge bwacu, aho kuba umwe, akenshi usanga bitatanye, bikururwa mu byerekezo byinshi. Mu mibereho ye, umumonaki cyangwa umumonakikazi aharanira kuba umwe muri we ubwe kandi yunze ubumwe na Kristo. Yezu aratubwira ati, "*Nimugume kuri jye nanjye ngume muri mwe*." (Yh 15, 4a). Ubuzima bushyize hamwe butuganisha ku kwiyakira, kwiyunga n'amateka yacu bwite ndetse n'ayo dusangiye n'abandi.

Yezu yabwiye intumwa ze ati, "*Nimugume mu rukundo rwanjye*" (Yh 15,9). Yagumye mu rukundo rwa Se (Yh 15,10) kandi nta kindi yifuza uretse kutugezaho urwo rukundo. Ati, "*Ahubwo nabise incuti kuko nabamenyesheje ibyo Data yambwiye byose*" (Yh 15, 15b). Turi amashami y'umuzabibu, ari wo Yezu ubwe, Data akaba umuhinzi wawo, utwitaho ngo dukure. Ni ko bimeze mu isengesho. Data ni we zingiro ubuzima bwacu bushingiyeho. Aradukata, akaduhuza kandi abantu bunze ubumwe bahesha Data icyubahiro.

Kuguma muri Kristo birangwa n'imyifatire igenda ishora imizi imbere muri twe. Ikeneye aho gukurira. Ishobora kuzitirwa n'intambara yo guhihibikanira ibikenerwa mu buzima no kugarizwa n'ibiturangaza, urusaku, ibikorwa n'ingorane z'ubuzima. Mu mwaka w'1938, mu gihe u Burayi bwari mu mvururu, Genoveva Micheli, waje kuba Mama Genoveva, mama wa mbere w'umuryango, yanditse iyi mirongo ikiri ingirakamaro muri iki gihe:

*“*Turi mu gihe giteye impungenge kandi gihebuje, igihe kibi aho nta kintu kirengera ubugingo, aho ibyo abantu bagezeho mu buryo bwihuse byose bisa n’ibishaka gukunduraho ibiremwa ... Kandi ndatekereza ko umuco wacu uzapfa muri ubu busazi rusange bw’urusaku no muri uyu muvuduko, aho nta kiremwa gishobora gutekereza*…*

> Twebwe abakristo, tuzi neza agaciro kuzuye k'ubuzima bwo mu mwuka, dufite inshingano zikomeye kandi tugomba kubimenya zo guhuriza hamwe no gufashanya kurema imbaraga zituma habaho umutuzo, ubuhungiro bwuje amahoro, ibigo by'ubuzima aho uguceceka kw’abantu kugaragaza ko ari ngombwa kwitabaza ijambo rirema ry’Imana. Ni ikibazo cyo gupfa no gukira.”

**Kuguma muri Kristo kugeza tweze imbuto**

“*Igihesha Data ikuzo ni uko mwera imbuto nyinshi*” (Yh 15,8). Ntidushobora kwera imbuto ku bwacu. Ntidushobora kwera imbuto tutari ku muzabibu. Ubuzima bwa Yezu butemba muri twe, ni bwo butuma twera imbuto. Kuguma mu rukundo rwa Yezu, kuguma kuba ishami ry’umuzabibu, ni byo bituma ubuzima bwe butemba muri twe.

Iyo twumviye Yezu ubuzima bwe butemba muri twe. Yezu araduhamagarira kureka amagambo ye agahora muri twe (Yohani 15, 7) hanyuma icyo dushaka cyose tukagihabwa. Ijambo ridutera kwera imbuto. Nk’abantu, nk’umuryango, nk’itorero ryose, turifuza kunga ubumwe na Kristo kugira ngo dukomeze itegeko rye ryo gukundana nk’uko yadukunze (Yh 15,12).

**Iyo dushoye imizi muri Kristo, soko y'urukundo rwose, turushaho gusabana bwacu**

Gusabana na Kristo bisaba ko dusabana n’abandi. Doroti wa Gaza, umumonaki muri Palesitine mu kinyejana cya 6, abivuga atya, ati

> “Nimutekereze uruziga rwashushanyije ku butaka, ni ukuvuga umurongo ukoze uruziga hifashishijwe kompa, ufite izingiro. Nimufate ko uruziga ari isi, izingiro ryarwo rikaba Imana, naho uturambararo twarwo tukaba inzira zitandukanye cyangwa uburyo abantu babaho. Iyo abaziranenge, bifuza kwiyegereza Imana, bagenda berekeza hagati y'uruziga, uko binjiye,

> baregerana; kandi uko bagenda begerana, ni ko baba begera Imana. Kandi murumva ko ari kimwe mu buryo bunyuranye, iyo duhindukiriye Imana ngo tujye hanze. Biragaragara noneho ko uko tugenda tujya kure y'Imana, ari na ko turushaho kugenda twitandukanya ubwacu, kandi uko tugenda tujya kure bamwe ku bandi, ni na ko turushaho kujya kure y'Imana".

Kwegera abandi, kubana n'abandi bantu, rimwe na rimwe batandukanye cyane natwe, bishobora kutugora. Bashiki bacu b'i Grandchamp bazi iki kibazo ariko inyigisho za Furere Roger wa Taizé [2] zirabafasha cyane: "Nta bucuti butagira imibabaro ibusukura. Nta rukundo rw'umuturanyi rutagira umusaraba. Umusaraba wonyine ni wo udufasha kumenya ingano itagereranywa y'urukundo."[3]

Amacakubiri mu bakristo, abatandukanya bamwe ku bandi ni amarorerwa kuko aanabatandukanya n'Imana. Abakristo benshi, batewe agahinda n'iki kibazo, basenga ubudasiba basaba Imana kugarura ubwo bumwe na Yezu ubwe yasabye. Isengesho rya Kristo risaba ubumwe riraduhamagarira kumugarukira no kwegerana, twuzuzanya bamwe ku bandi.

Nk'uko tubibonera mu mibanire n'abandi, ubwiyunge budusaba imbaraga nyinshi n'ubwitange. Dukomezwa n'isengesho rya Kristo, wifuza ko twaba umwe, nk'uko ari umwe na Data …. kugira ngo ab'isi bemere (reba Yh 17,21).

## Iyo dushoye imizi muri Kristo, ubufatanye buhamya ukwemera kwacu buriyongera

Nubwo twe nk'abakristu, tuguma mu rukundo rwa Kristo, natwe turi mu byaremwe bitegerezanyije ubwuzu kubohorwa (reba Rom 8). Turi abahamya b'imibabaro n'amakimbirane byugarije isi. Mu kwifatanya n'abababaye twemerera urukundo rwa Kristo gutemba muri twe. Amayobera ya pasika yera imbuto muri twe iyo tugaragaje urukundo ku bavandimwe bacu kandi tugakomeza ukwemera mu isi.

---

[2] . Umuryango w'i Grandchamp n'uwa bafurere b'i Taizé mu Bufaransa, urebye bahujwe mbere na mbere n'amateka y''nkomoko yabo, ariko kandi na none bashiki bacu b'i Grandchamp bashingiye Itegeko ryabo ku gitabo kivugwa hasi aha

[3] . Furere Roje w'i Taizé, Inyandiko-shingiro, Imana ishaka ko twishima (Taizé : Les Ateliers et Presses de Taizé, 2011), 95.

Gutunganira Imana no gufatanya bifitanye isano. Iyo tugumye muri Kristo, turonka imbaraga n'ubwenge byo kurwanya inzego z'akarengane n'agahato, tukamenya neza ko twese turi abantu n'abavandimwe, kandi tugateza imbere uburyo bushya bwo kubaho bwo kubaha no gusabana n'ibiremwa byose.

Incamake y'amabwiriza y'ubuzima[4] bashiki bacu b'i Grandchamp bavugira hamwe buri gitondo itangirwa n'amagambo agira ati "Senga kandi uharanire ko Imana iganza". Amasengesho n'ubuzima bwa buri munsi ntabwo ari ibintu bibiri bitandukanye ahubwo bigomba guhurizwa hamwe. Ibyo duhura na byo byose bigamije kuduhuza n'Imana.

**Muri iyi minsi umunani y'icyumweru cy'amasengesho yo gusabira ubumwe bw'abakristo muri uyu mwaka wa 2021, turatanga umujyo w'amasengesho ukurikira**:

**Umunsi wa 1:** Gutorwa n'Imana: "Si mwe mwantoranyije, ahubwo ni jye wabatoranyije" (Yh 15:16a*)*

**Umunsi wa 2:** Gukura mu mwuka: "Nimugume kuri jye nanjye ngume muri mwe" (Yh 15,4a)

**Umunsi wa 3:** Kurema umubiri umwe: "Mukundane nk'uko nabakunze" (Yh 15,12b)

**Umunsi wa 4:** Gusengera hamwe: "Sinkibita abagaragu……. ahubwo nabise incuti" (Yh 15,15)

**Umunsi wa 5:** Kwemera guhindurwa n'Ijambo: "Namwe mumaze gusukurwa n'ibyo nababwiye…" (Yh 15:3)

**Umunsi wa 6:** Kwakira abandi: "Mbatuma kujya kwera imbuto kandi ngo izo mbuto zanyu zigumeho" (Yh 15:16b)

**Umunsi wa 7:** Gukura mu bumwe: "Ni jye muzabibu namwe muri amashami" (Yh 15,5a)

**Umunsi wa 8:** Kwiyunga n'ibyaremwe byose: "Ibyo mbibabwiye kugira ngo ibyishimo byanjye bibe muri mwe, kandi n'ibyishimo byanyu bibe bisesuye" (Yh 15,11)

---

[4] Ni byiza kuvugira hamwe aya mabwiriza mu gihe cy'umuhimbazo mpuzamatorero (reba p. 19).

## ITEGURWA RY'AGATABO K'AMASENGESHO Y'ICYUMWERU CYO GUSABIRA UBUMWE BW'ABAKRISTO 2021

Ku nkunga y'Inama ifasha Papa guteza imbere ubumwe bw'abemera Kristo n'iya Komisiyo ishinzwe "Ukwemera n'inzego ziyigize" y'Inama mpuzamatorero ku isi, itsinda mpuzamahanga ryagenwe ngo ritegure agatabo k'amasangesho yo gusabira ubumwe bw'abakristo mu mwaka wa 2021 ryahuriye i Grandchamp, Areuse, mu gace ka Neuchatel, mu Busuwisi, kuva ku wa 15 kugeza ku wa 18 Nzeri. Inama mpuzamatorero ku isi yari yasabye Umuryango w'i Grandchamp guhitamo insanganyamatsiko no gutegura agatabo k'amasengesho y'icyumweru cyo gusabira ubumwe bw'abakristo. Umuryango wose wakoze mu gihe cy'amezi menshi kuri iyi mbanzirizamushinga, yaje kuba ishingiro ry'imirimo yakozwe n'itsinda mpuzamahanga. Bane mu bashiki bacu na bo bakoranye n'itsinda mpuzamahanga mu nama yo muri Nzeri. Iyi nama yari iyobowe na Nyakubahwa Odair Pedroso Mateus, Umuyobozi wa komisiyo ishinzwe "Ukwemera n'inzego ziyigize" y'Inama mpuzamatorero ku isi, ari kumwe na Nyakubahwa Antoni Currer wo mu Nama ifasha Papa guteza imbere ubumwe bw'abemera Kristo.

Umuryango w'i Grandchamp ni umuryango w'abihaye Imana uhuza bashiki bacu bo mu matorero n'ibihugu bitandukanye. Uyu muryango washinzwe mu gice cya mbere cy'ikinyejana cya makumyabiri, kandi kuva watangira wari ufitanye umubano wa hafi n'umuryango wa Taizé na padiri Pawulo Couturier, umuntu w'ingenzi cyane mu mateka y'icyumweru cy'amasengesho yo gusabira ubumwe bw'abemera Kristo. Muri iki gihe, uyu muryango ubarizwamo bashiki bacu bagera kuri mirongo itanu, biyemeje guharanira ubwiyunge hagati y'abemera Kristo, mu muryango w'abantu, ndetse no ku byaremwe byose.

Insanganyamatsiko yatoranijwe n'itsinda ryandika ryaho yari "*Nimugume mu rukundo rwanjye ni bwo muzera imbuto nyinshi"* (reba Yh 15, 5-9). Ibi byatumye bashiki bacu badusangiza ubunararibonye n'ubushishozi byabo ku buzima bwo kuguma mu rukundo rw'Imana, no kuvuga ku mbuto z'iri sengesho: gusabana cyane n'abavandimwe babo muri Kristo no kunga ubumwe n'ibyaremwe byose.

**Abagize itsinda mpuzamahanga**

| | |
|---|---|
| Madamu Ana-Nowela Clément | Agashami k'Ubumwe bw'abemera Kristo |
| Nyakubahwa Petero Colwell | Umunyamabanga mukuru wungirije w'amatorero yishyize hamwe mu Bwongereza no muri Irilande |
| Nyakubahwa Antoni Currer | wo mu Nama ifasha Papa guteza imbere ubumwe bw'abemera Kristo |
| Dogiteri Ani Ghazaryan Drissi | Umuyobozi Nshingwabikorwa w'Ubunyamabanga bwa komisiyo ishinzwe « Ukwemera n'inzego ziyigize » muri WCC |
| Madamu Virag Kinga Mezei | wimenyereza umwuga muri WCC |
| Dogiteri Hanne Lamparter | Itorero ry'Abaluteriyani |

Mama Leticia Candelario Lopez: Ubuvandimwe bw'Abamisiyoneri (Singapore)

Nyakubahwa Dogiteri Odair Pedroso: Umuyobozi wa Komisiyo ishinzwe "Ukwemera n'inzego ziyigize"

Nyakubahwa padiri Yakobo Puglisi: Umufurere wo muri Atonement, Centro Pro Unione

Nyakubahwa Dogiteri Mikie Roberts : Umuyobozi mukuru wa gahunda y'ubuzima bw'umwuka muri WCC

Dogiteri Clare Watkins Kaminuza ya Roehampton

**Abavuye mu Muryango w'i Grandchamp**

Mushiki wacu Ana-Emanweli Guy
Mushiki wacu Jezine Rohrbach
Mushiki wacu Embla Vegerfors
Mushiki wacu Svenja Wichmann

Inkunga y'Ubunyamabanga yatanzwe na Bwana Alexander Freeman wo muri WCC.

# AMATERANIRO RUSANGE

## Ijambo ry'ibanze

Aka gatabo kerekana uburyo bashiki bacu b'i Grandchamp basenga. Muri uwo muco gakondo, amoko atatu y'amasengesho - rimwe na rimwe yitwa 'igitaramo' (kuba maso) cyangwa 'aya nijoro' mu muco w'Ababenedigito – ubusanzwe avugwa nijoro ahurizwa hamwe mu mugoroba umwe. Ni yo mpamvu, ibikorwa byacu by'icyumweru cy'amasengesho yo gusabira ubumwe bw'abemera Kristo byashyizwe mu bice bitatu, byitwa 'igitaramo', bigendeye ku buryo bwo gusenga bukoreshwa n'Umuryango w'i Grandchamp.

Amasengesho yo gutarama yose ateye kimwe: gusoma ibyanditswe; kwikiriza baririmba; igihe cyo guceceka; no kwinginga. Buri gitaramo kandi kirangwa n'ibikorwa bijyanye n'insanganyamatsiko yacyo; ibi byasobanuwe hano hepfo. Buri gitaramo gisozwa n'indirimbo *Umucyo w'Imana* (Lumière de Dieu), yahimbwe n'umwe mu bagize Umuryango w'i Grandchamp.

**Igitaramo cya mbere** gishingiye ku bumwe bwacu natwe ubwacu no ku busabane bwacu na Kristo. Abacyitabiriye basabwa gufata iminota itanu yo guceceka. Ibi bigenda bigaruka muri iki gitaramo cyose.

**Igitaramo cya kabiri** cyerekana ubushake bwo kongera kunga ubumwe bugaragara bw'abemera Kristo. Dufatiye ku rukundo rwa Kristo, duhindukirira abaturanyi bacu maze tugahana ikimenyetso cy'amahoro ye.

**Igitataramo cya gatatu** kidukangurira ubumwe bw'abantu bose, ibyaremwe byose. Ibigikorwamo bishingiye ku nyandiko ya Dorotheus w'i Gaza (reba intangiriro). Abantu benshi bashyizwe ku ruziga, bagenda berekeza mu izingiro ryarwo. Uko turushaho kwegera Imana - hagati – ni ko tugenda turushaho kwegerana.

Ibi bishobora gukorwa ku buryo butandukanye bitewe n'umwanya ukoreshwa, n'imigenzo y'ababyitabiriye. Ubu buryo bukurikira bushobora kwifashishwa nk'urugero:

- Uwaje mu ikoraniro wese yitwaza buji itaka.
- Abategura bashobora gusuzuma niba bishoboka ko ikoraniro ryaba "mu ruziga" bakagaragaza n'inzira (uturambararo) zigana mu izingiro kugira ngo iki gikorwa gishoboke.

- Buji nini, ishinze (urugero buji ya pasika mu migenzo myinshi) yashyizweho nk'izingiro ry'uruziga.
- Abantu batandatu kugeza ku munani bakomoka mu makoraniro atandukanye y'abemera Kristo bazengurutse buji mu ruziga rushobora kuba rushushanyije hasi, cyangwa rukaba rwakozwe n'ikoraniro ryicaye mu ruziga.
- Buri wese muri aba bantu yitwaje buji ntoya kandi akayizamura hejuru ku buryo bose bayibona.
- Mu gihe cyo gusoma isomo rijyanye n'iki gikorwa (reba p. 17), buri muntu mu ruziga atera intambwe ku mujyo umwe n'abandi werekeza hagati.
- Iyo bageze ku izingiro bacana buji zabo maze bagasubira mu ikoraniro. Buji ya buri wese noneho ubu iri kwaka.
- Mu gihe cyo gucana buji z'ikoraniro, hararirimbwa indirimbo *Umucyo w'Imana (*Lumière de Dieu).
- Buri muntu wese agumana buji ye yaka kugeza atashye. Mu duce tumwe na tumwe, aho bishoboka, amakoraniro ashobora gutunganyiriza aho asengera hagutse hagashyirwa buji nyinshi zaka.

Amasengesho y'intangiriro ashobora gusomwa cyangwa kuririmbwa – byaba byiza bikozwe n'abantu babiri batandukanye. Na Zaburi ishobora gusomwa cyangwa kuririmbwa, cyangwa igasimburwa n'indirimbo ijyanye n'insanganyamatsiko y'igitaramo. Mu gihe cy'amasengesho yo kwinginga, ibisubizo bishobora gusomwa, kuririmbwa cyangwa gusimburwa n'ibindi. Umwanya wo gusabirana ushobora kuba muremure mu gihe haba hongeweho umwanya wo gusaba icyo umuntu ashaka. Igenamiterere rya muzika, ibisubizo hamwe no kwinginga bikoreshwa i Grandchamp mushobora kubisanga ku rupapuro rwa 18-21.

Indirimbo zishobora kuboneka no kumvikana ku rubuga rw'umuryango w'i Grandchamp: www.grandchamp.org

Mushobora kandi kumva amasengesho yabo asanzwe buri munsi ku rubuga:
www.grandchamp.org/prier-avec-nous

## IMITERERE Y'AMATERANIRO RUSANGE

Nimugume mu rukundo rwanjye ni bwo muzera imbuto nyinshi. *(Reba Yh 15:5-9)*

*U: Umuyobozi*
*I: Ikoraniro*
*S: Umusomyi*

### Ikoraniro

**Indirimbo y'intangiriro**

*Indirimbo yo kwiyambaza Mwuka Muziranenge (itoranywe mu zisanzwe)*

**Ijambo ryo kwakira ikoraniro**

U: Ubuntu bw'Umwami wacu Yezu Kristo, Urukundo rw'Imana Data, n'ubusabane mukesha Mwuka muziranenge, bihorane namwe mwese!

**I: Nawe kandi muhorane.**

**S1:** Bavandimwe muri Kristo, uyu mwaka insanganyamatsiko y'Icyumweru cyo gusabira ubumwe bw'abakristo, twahitiwemo n'abashiki bacu bo mu Muryango w'i Grandchamp mu Busuwisi, iragira iti: "Nimugume mu rukundo rwanjye ni bwo muzera imbuto nyinshi".

**S2:** Ni cyo cyifuzo gikomeye cy'Imana, cyagaragajwe na Yezu, ko dukwiye kumusanga kandi tukaguma kuri we. Adutegereje ubudacogora, yizeye ko, twunze ubumwe na we mu rukundo, tuzera imbuto zizatuma buri wese agira ubuzima. Mu gutinya ibyo tudahuje n''undi', dushobora guhungira muri twe kandi tukabona gusa ibidutandukanya. Ariko reka twumve uburyo Kristo aduhamagarira kuguma mu rukundo rwe, maze tukera imbuto nyinshi.

**S1**: Mu bihe bitatu by'amasengesho bikurikira, twibuka ko twahamagawe na Kristo, duhindukirira urukundo rwe, We shingiro ry'ubuzima bwacu. Ni koko inzira y'ubumwe itangirira mu bucuti bwacu bwa hafi n'Imana. Kuguma mu rukundo rwe bishimangira icyifuzo cyo gushaka ubumwe n'ubwiyunge n'abandi.

Imana iduhuza n' abatandukanye natwe. Uru ni urubuto rw'ingenzi, impano yo guca amacakubiri muri twe, hagati yacu, ndetse no mu si.

**U**: Dutuze, dusenge Imana:

Mwami, uri nyir'umuzabibu utwitaho udukunze.

Uraduhamagarira kureba ubwiza bwa buri shami riri ku muzabibu, ubwiza bwa buri muntu.

Kandi, kenshi cyane ibyo tudahuje n'abandi bidutera ubwoba,

Maze tukihungiraho.

Duhe kukwizera.

Urwango ruragenda rwiyongera hagati yacu.

Ngwino wongere uyoborere
imitima yacu kuri wowe. Duhe
kubeshwaho n'imbabazi zawe
kugira ngo duhuzwe no
gusingiza izina ryawe.

**Ibisingizo**

**I: Wowe uduhamagarira kuba ibisingizo byawe muri iyi si: Niwubahwe!**

**S1:** Turaririmba ibisingizo byawe mu isi no mu bantu bose,

**S2:** Turaririmba ibisingizo byawe mu byaremwe byose.

**I: Wowe uduhamagarira kuba ibisingizo byawe muri iyi si: Niwubahwe!**

S1: Turaririmba ibisingizo byawe ahari imibabaro
n'amarira,

S2: Turaririmba ibisingizo byawe mu masezerano no mu byagezweho.

**I: Wowe uduhamagarira kuba ibisingizo byawe muri iyi si: Niwubahwe!**

S1: Turaririmba ibisingizo byawe ahari amakimbirane no kutumvikana;
S2: Turaririmba ibisingizo byawe ahantu ho guhurira no kwiyunga.

**I: Wowe uduhamagarira kuba ibisingizo byawe muri iyi si: Niwubahwe!**

**S1**: Turarririmba ibisingizo byawe hagati y'abatandukanye n'abari mu macakubiri,
**S2**: Turaririmba ibisingizo byawe hagati y'ubuzima n'urupfu, ivuka ry'ijuru rishya n'isi nshya.

**I : Wowe uduhamagarira kuba ibisingizo byawe muri iyi si: Niwubahwe!**

**Igitaramo cya mbere** | **Kuguma kuri Kristo:**

**Ubumwe bwa muntu wese**

**Zaburi:** 103
**Isomo:** Yh 15:1-17
**Inyikirizo:** Ahari urukundo *(*p. 19)
**Guceceka** *(nibura umunota 1)*

**Amasengesho**

**S:** Mana y'urukundo, muri Kristo waratubwiye uti, "Si mwe mwantoranyije, ahubwo ni jye wabatoranyije". Uradushakisha, udutumirira kwakira ubucuti bwawe no kubugumamo. Twigishe kwitabira cyane ubu butumire, kandi dukure mu buzima bwuzuye.

**I: Ibyishimo by'umutima wacu biri mu Mana.** *(niba iririmbwa, reba urupapuro 20)*

**S:** Mana nyir'ubuzima, uduhamagarira kuba ibisingizo hagati mu isi no kwakira bagenzi bacu nk'impano y'ubuntu bwawe. Reka indoro yawe yuje urukundo ufitiye buri muntu, idukingurire kwakirana bamwe ku bandi uko turi.

**I: Ibyishimo by'umutima wacu biri mu Mana.**

**S**: Mana udukoranya, uduhuza nk'umuzabibu umwe mu mwana wawe Yezu. Umwuka wawe wuje urukundo agume muri twe mu nama za paruwasi no mu materaniro mpuzamatorero yacu. Duhe twese hamwe kuguhimbaza tunezerewe.

.**I: Ibyishimo by'umutima wacu biri mu Mana.**

**S**: Mana nyir'umuzabibu umwe, uraduhamagarira kuguma mu rukundo rwawe mu byo dukora no mu byo tuvuga byose. Ku bw'ineza yawe, duhe kurangwa n'urwo rukundo rwawe mu ngo zacu no mu kazi. Dufashe gushyiraho inzira yo gukemura amakimbirane no gutsinda inzangano.

**I: Ibyishimo by'umutima wacu biri mu Mana.**

**Igikorwa: Igihe cyo guceceka.**

**S**: Kenshi cyane dufata isengesho nk'igikorwa cyacu bwite. Muri iki gihe gito turasabwa guturiza imbere muri twe, tugasiga ku ruhande urusaku rwose n'ibibazo by'ubuzima bwacu n'ibitekerezo. Duceceke, tureke Imana ikore. Twahamagariwe gusa kuguma mu rukundo rw'Imana, kuruhukira muri yo.

**Guceceka** *(nibura iminota 5)*

**Indirimbo:** Umucyo w'Imana (Light of God) (p. 20)

## Igitaramo cya kabiri | Ubumwe bugaragara bw'abakristo

**Zaburi:** 85

**Isomo:** 1 Kor 1,10-13a

**Inyikirizo:** Imana imwe, ukwemera kumwe, batisimu imwe (p. 21)

**Guceceka** *(nibura umunota 1)*

**Amasengesho**

S: Mwuka Muziranenge, wowe ushinga kandi ukavugurura itorero ahantu hose, ngwino wongorere mu mitima yacu isengesho Yezu yabwiye Se mbere y'ibabara rye: "bose babe umwe… kugira ngo ab'isi bemere…".

**I Tubabarire Nyagasani**

**S:** Mwami Yezu, Mwami w'amahoro, cana umuriro w'urukundo rwawe muri twe kugira ngo urwikekwe, agasuzuguro no kutumvikana bicike mu itorero. Inkuta zidutandukanya zihirime.

**I Tubabarire Nyagasani**

**S:** Mwuka muziranenge, Muhoza wacu twese, fungurira imitima yacu kubabarirana no kwiyunga maze udukure mu buzererezi bwacu.

**I Tubabarire Nyagasani**

**S:** Mwami Yezu, wowe utuza kandi ukagira umutima woroshya, duhe ubukene bw'umutima kugira ngo twakire ibyo dutunguzwa n'ubuntu bwawe.

**I Tubabarire Nyagasani**

**S:** Mwuka muziranenge, ntiwigeze utererana abagabo, abagore n'abana batotezwa bazira ubudahemuka ku butumwa bwiza. Bahe imbaraga n'ubutwari, kandi ushyigikire ababafasha.

**I Tubabarire Nyagasani**

**Igikorwa: Kwifurizanya amahoro**

**S:** Nyagasani aduhamagarira kunga ubumwe hagati yacu ubwacu. Aduha amahoro kandi araduhamagarira kuyasangira. Reka duhane ikimenyetso cy'amahoro ye n'abaturanyi bacu.

*Buri wese ahindukirira umwegereye maze amuhe ikimenyetso cy'amahoro, mu buryo bisanzwe bikorwa aho batuye.*

**Indirimbo:** Mucyo w'Imana (Light of God) (p. 20)

**Igitaramo cya gatatu | Ubumwe bw'abantu bose**

**n'ibyaremwe byose**

**Zaburi:** 96

**Isomo:** Ibyahishuwe 7, 9-12

**Inyikirizo:** Ni wowe usumba byose (p. 22)

**Bishobotse habaho inyingisho**

**Gucecekа akanya gato** *(nibura umunota 1)*

**Amasengesho**

**S:** Mana nyir'ubuzima, waremye buri muntu wese mu ishusho yawe kandi usa na we. Turagushimira ko waduhaye imico myinshi, ukwizera, imigenzo n'amoko. Duhe ubutwari buri gihe bwo kurwanya akarengane n'inzangano bishingiye ku bwoko, ibyiciro, igitsina, idini, no gutinya abatameze nka twe.

**I: Mana y'amahoro, Mana y'urukundo, turakwiringiye!** *(bibaye indirimbo, p. 23)*

**S:** Mana Nyirimpuhwe, muri Kristo watugaragarije ko turi umwe muri wowe. Twigishe gukoresha iyi mpano ku isi kugira ngo abemera Kristo bo mu moko yose no mu bihugu byose bashobore kumvikana no kubana mu mahoro.

**I: Mana y'amahoro, Mana y'urukundo, turakwiringiye!**

**S:** Nyagasani Yezu, waje mu isi kandi usangira byimazeyo ubumuntu natwe. Uzi ingorane z'ubuzima ku bantu bababaye mu buryo butandukanye. Ngaho umwuka w'impuhwe nutuganishe ku gusangira n'abakene bose igihe cyacu, ubuzima n'ibyo dutunze byose.

**I: Mana y'amahoro, Mana y'urukundo, turakwiringiye!**

**S:** Mwuka muziranenge, wumva uburakari bw'ibiremwa byawe byakomeretse hamwe no gutabaza kw'abamaze guhura n'ingaruka z'imihindagurikire y'ikirere. Utuyobore ku myitwarire mishya. Utwigishe kubaho mu busabane nka bimwe mu byo.

**I: Mana y'amahoro, Mana y'urukundo, turakwiringiye!**

**Igikorwa: Kwerekeza mu ruziga hagati… no hanze y'isi kwigana** ***ibyanditswe na Dorotewusi w'i Gaza***

**S:** Duhamagariwe kuba abakozi b'urukundo rw'Imana rukiza kandi rwunga. Uyu murimo ushobora kwera imbuto gusa nituguma ku Mana, nk'amashami

y'umuzabibu w'ukuri ari wo Yezu Kristo. Uko twegera Imana ni na ko tugenda twegerana.

Mutekereze uruziga rushushanyije hasi. Mwishyiremo ko urwo ruziga ari isi.

*Abantu batoranyijwe barahaguruka bakore uruziga ruzengurutse buji.*

**S:** Izingiro ry'uruziga rishushanya Imana, naho inzira zigana ku izingiro zikagaragaza uburyo butandukanye abantu babaho. Iyo abatuye isi bifuza kwiyegereza Imana, baba bagenda berekeza hagati y'uruziga …

*Abatoranyijwe batera intambwe nyinshi bagana izingiro ry'uruziga.*

**S:** uko bagenda begera izingiro, berekeza ku Mana, ni ko bagenda begerana. Kandi uko bagenda begerana…….

*Aba bantu berekeza icyarimwe rwagati mu ruziga.*

**S:** … ni ko baba bagenda begera Imana

*Iyo abafite buji bageze hagati buri wese acana buji ye. Mu gihe bahagaze hamwe rwagati buri wese afata umwanya wo gusenga bucece.*

**Guceceka** *(nibura umunota 1)*

**Isengesho rya Nyagasani**

U: Reka dusengere hamwe, dusubira m magambo Yezu yatwigishije ati:

**I: Data uri mu ijuru…**

**Indirimbo**: Mucyo w'Imana (p. 20)

*Mu gihe baririmba, abafite buji baragaruka bagasangiza ikoraniro urumuri bakiriye.*

R Ubusabaniramana n'ubufatanye ntibitana. Amasengesho n'ibikorwa birajyana. Iyo tugumye kuri Kristo, turonka Umwuka w'ubutwari n'ubuhanga bwo kurwanya akarengane no gukandamizwa. Tuvugire hamwe:

**I: Senga kandi ukorere kugira ngo aganze.**
**Jya ureka Ijambo ry'Imana rihumeke ubuzima mu bikorwa no kirihuko byawe bya buri munsi.**
**Komeza guceceka imbere muri byose kugira ngo ube muri Kristo.**
**Wuzure umwuka w'ihirwe: umunezero, ubworoherane, imbabazi.**

*Aya magambo avugwa buri munsi na bashiki bacu b'i Grandchamp.*

**Gutanga umugisha**

**U**: Nimube umwe, kugira ngo ab'isi bemere! Nimugume mu rukundo rwe, nimukwire ku isi kandi mwere imbuto z'uru rukundo.

**I: Imana twiringiye itwuzuze umunezero n'amahoro yose mu kwemera, kugira ngo abizera bagwire ku bw'imbaraga za Mwuka muziranenge. Mu izina rya Data, Mwana na Mwuka muziranenge. Amina.**

**Indirimbo isoza** *(guhitamo mu zisanzwe zimenyerewe iwanyu)*

**IMFASHANYIGISHO Y'INYONGERA**

**1. Ibisingizo: "Wowe uduhamagara"**




**2. Igitaramo cyambere: Inyikirizo nyuma yo gusoma Yh 15,1-17: "Ahari urukundo"**





* Izi ndirimbo zatanzwe n'umuryango w'i Grandchamp, wateguye umushinga wa mbere w'agatabo k'Icyumweru cy'Amasengesho yo gusabira ubumwe bw'abakristo 2021, kandi zitangajwe mu izina ryabo.

**3. Igitaramo cya mbere: Inyikirizo ku masengesho: "Ibyishimo by'umutima wanjye"**

# La joie de notre coeur


M+T: Grandchamp




**4. Ku musozo wa buri gitaramo: "Mucyo w'Imana"**


T+M : Grandchamp

## Lumière de Dieu



**5. Igitaramo cya kabiri : Inyikirizo nyuma y’isomo ryo mu 1 Kor 1,10-13: “Imana imwe”**

T : Eph. 4
M : J. Berthier




*Un seul Seigneur, une seule foi, un seul baptême,*
*un seul Dieu qui est Père de tous.*

**6. Igitaramo cya gatatu nyuma y’isomo ryo mu Byahishuwe 7,9-12: “Ni wowe usumba byose”**

# Ô toi l’au-delà de tout

♩ = 66




(You who are beyond all things, what mind can grasp you? All that lives celebrates you; the desire of all reaches out towards you. / Oh tú, el más allá de todo, ¿qué espíritu puede comprenderte? Todos los seres te celebran, el deseo de todos aspira a ti. / Tu che sei oltre ogni cosa, chi potra' mai afferrarti? Ogni creatura ti onora; verso te i desideri di tutti. / O du, der alles überragt, wie kann unser Verstand dich schauen? Jedes Wesen jubelt dir zu; allen gemeinsam ist die Sehnsucht nach dir. / Tyś jest ponad wszystko, jakiż duch Cię ogarnie? Wszystkie stworzenia wysławiają Ciebie, wszyscy Ciebie pragną. *S. Grégoire de Nazianze*)

Music: Taizé

© Ateliers et Presses de Taizé, Le Bourg, 71250 TAIZE, FRANCE

**7. Igitaramo cya gatatu: Inyikirizo ku isengesho: “Mana y’amahoro, Mana y’urukundo”**



## AMASOMO YO MURI BIBILIYA YO KUZIRIKANA N'AMASENGESHO "MU MINSI UMUNANI"

### UMUNSI WA MBERE

### Gutorwa n'Imana

**"Si mwe mwantoranyije, ahubwo ni jye wabatoranyije"**

*(Yh 15,16a)*

| | |
|---|---|
| **Intg 12,1-4** | **Itorwa rya Aburahamu** |
| **Yh 1, 35-51** | **Itorwa ry'abigishwa ba mbere** |

**Kuzirikana amasomo**

Intangiriro y'urugendo ni uguhura hagati y'umuntu n'Imana, hagati y'abaremwe n'Umuremyi, hagati y'igihe n'igihe cyose.

Aburahamu yumvise umuhamagaro: "Genda mu gihugu nzakwereka". Kimwe na Aburahamu buri wese muri twe yahamagariwe gusiga ibyo amenyereye akajya mu gihugu Imana yaduteguriye mu nkebe z'imitima yacu. Mu nzira, tugenda turushaho kuba twe ubwacu, nk'uko Imana yashakaga ko tuba kuva mbere. Kandi mu gukurikiza umuhamagaro twahawe, duhinduka umugisha ku batwegereye bose ndetse n'isi.

Imana idukunda iradushakashaka. Yigize umuntu muri Yezu, kugira ngo tuyibone muri we. Mu mibereho yacu, kimwe no mu butumwa bwiza bwanditswe na Yohani, umuhamagaro w'Imana wumvikana mu buryo butandukanye. Dukuruwe n'urukundo rwayo, turahaguruka. Muri uku guhura, duca mu nzira yo guhinduka.

Intangiriro nziza y'umubano w'urukundo tugomba guhora dusubiramo.

*"Umunsi umwe wabonye ko, utazi uko bigenze, yego yari imaze kwandikwa mu bwimbike bw'imibereho yawe. Ni yo mpamvu wahisemo gukurikira Kristo….*

*Bucece, imbere ya Kristo, wumvise akubwira ati, "Ngwino unkurikire; Nzaguha aho umutima wawe uzaruhukira.[5]"*

*Inyandiko- shingiro y'i Taizé* (2000) p. 52

**Isengesho**

Yezu kristo, uradushakashaka,
urashaka kutugira incuti zawe no
kutuyobora mu buzima bwuzuye.
Duhe imbaraga zo kwitaba
umuhamagaro wawe kugira ngo
duhinduke kandi tube abahamya
b'impuhwe zawe ku isi.

[5] Furere Roje (Roger) w'iTaizé : Inyandiko-Shingiro, Imana ishaka ko twishima, « Les Ateliers et Presses de Taizé, 2011, p. 38 ». Reba Intangiriro p.8

## UMUNSI WA KABIRI

### Gukura mu mwuka

**“Nimugume kuri jye nanjye**
**ngume muri mwe”** *(Yh 15, 4a)*

| | |
|---|---|
| **Efez 3,14-21** | **Kristo nature mu mitima yacu** |
| **Lk 2, 41-52** | **Mariya akajya azirikana ibyo byose** |

**Kuzirikana amasomo**

Uwahuye na Yezu yifuza kugumana na we no kuguma muri we: igihe imbuto zikura.

Yezu, nk’umuntu nka twe twese, yakuze mu gihagararo no mu bwenge. Yabayeho mu buzima buciye bugifi cyane, bushingiye ku myizerere ye ya kiyahudi. Atarigaragaza, akiba i Nazareti, aho bigaragara ko nta kintu kidasanzwe cyabaye, kubana na Data byaramutunze.

Mariya yabonaga ibikorwa by’Imana mu buzima bwe no mu bw’umuhungu we. Yashyinguraga ibyo bintu byose mu mutima we. Bityo, buhoro buhoro, yatahuye ibanga rya Yezu.

Natwe dukeneye igihe kirekire cyo gukura, ubuzima bwose, kugira ngo dushobore gucengerwa n'ibanga ry'urukundo rwa Kristo, kumureka akaguma muri twe kandi natwe tukaguma kuri we. Ntitumenya uko bigenda, Mwuka atuma Kristo atura mu mitima yacu. Bityo tugakura mu mwuka binyuze mu masengesho, mu kumva ijambo ry'Imana, mu gasangira n'abandi, no mu gushyira mu bikorwa ibyo twasobanukiwe.

> *"Kureka Kristo akinjira mu buzima bwacu bwose… Azinjira hose mu bwenge bwacu no mu mitima yacu, azagera ku mibiri yacu kugeza imbere mu nda yacu, kugira ngo natwe umunsi umwe tuzabone ubwimbike bw'imbabazi."*[6]
>
> *Inyandiko-shingiro y'i Taizé* (2000) p. 134

**Isengesho**

Umwuka Muziranenge,
Dufashe kwemerera Kristo gutura mu
mitima yacu, kandi tumwishimire
nk'ibanga ry'urukundo. Uzuza
amasengesho yacu, tumurikire igihe
dusoma Ibyanditswe, ukoreshe, kugira
ngo imbuto z'impano zawe zishobore
kwihanganira
gukurira muri twe.

[6] Reba igitabo cyavuzwe hejuru, urup. 134

## UMUNSI WA GATATU

### Kurema umubiri umwe

**“Mukundane nk’uko nabakunze”** *(Yh 15,12b)*

| | |
|---|---|
| **Kol 3,12-17** | **Mwambare impuhwe** |
| **Yh 13,1-15; 34-35** | **Mukundane** |

**Kuzirikana amasomo**

Araye ari budupfire, Yezu arapfukama kugira ngo yoze ibirenge by’abigishwa be. Yari azi ingorane abantu babana bahura na zo n’akamaro ko kubabarirana no gukorera hamwe. Abwira Petero ati, “Nintakoza ibirenge, nta cyo turi bube tugihuriyeho.”

Petero yarekeye Yezu ibirenge bye; arabyoza. Yakozwe ku mutima n’ukwicisha bugufi n’urukundo bya Kristo. Nyuma, na we yageze ikirenge cye mu cya Yezu, kandi akorera umuryango bw'abizeye mu itorero rya mbere.

Yezu yifuza ko ubuzima n'urukundo bitemba muri twe nk'umutobe mu muzabibu, kugira ngo imiryango y'abemera Kristo ireme umubiri umwe. Ikibabaje ni uko uyu munsi kimwe no mu bihe byahise, kubana bikomeje kuba ingorabahizi. Akenshi duhura n’imbogamizi zacu. Rimwe na rimwe tunanirwa gukunda abatwegereye mu

muryango, paruwasi cyangwa mu ngo zacu. Yewe hari n'ubwo twitandukanya burundu.

Muri Kristo duhamagarirwa kwambara impuhwe, aho bitunaniye tukongera kubigerageza. Kuba tuzi ko Imana idukunda twese bidutera guhana ikaze tutitaye ku ku mbaraga zacu n'intege nke zacu. Icyo gihe ni bwo Kristo atura rwagati muri twe.

> *"Uhereye ku busa, ese waba uri umuremyi w'ubwiyunge muri ubwo busabane bw'urukundo, ari bwo Umubiri wa Kristo, Itorero rye? Komeza imbaraga zisangiwe, wishime! Ntukiri wenyine, muri byose urimo ujya mbere hamwe n'abavandimwe bawe. Wahamagariwe kubana na bo nk'umuryango umwe"[7].*

*Inyandiko-shingiro y'i Taizé* (2000) pp. 48-49

**Isengesho**

Mana Data, uduhishurira
urukundo rwawe binyuze muri
Kristo no ku bavandimwe bacu
Fungura imitima yacu kugira ngo
dushobore kubana neza tutitaye ku byo
dutandukaniyeho kandi tubeho
tubabarirana. Duhe kubaho twunze
ubumwe mu mubiri umwe, kugira ngo
impano iri muri buri muntu igaragare.

---

[7] Reba igitabo cyavuzwe hejuru, urup.36

Bityo twese hamwe tugaragaze Kristo utuye muri twe.

## UMUNSI WA KANE

### Gusengera hamwe

**“Sinkibita abagaragu……. ahubwo nabise incuti”** ***(Yh 15,15)***

| | |
|---|---|
| **Rom 8,26-27** | **Mwuka adusanga dufite intege nke akatwunganira** |
| **Luka 11,1-4** | **Nyagasani, twigishe gusenga** |

**Kuzirikana amasomo**

Imana ishishikajwe no kubana natwe. Iradushakashaka nk’igihe yashakashakishaga Adamu mu busitani, iti,

“Uri hehe?” (Intg 3, 9)

Muri Kristo, Imana yaje kudusanganira. Yezu yabayeho asenga, yunze ubumwe na Se, kandi agirana ubucuti n’abigishwa be ndetse n'abahuye na we bose. Yabamenyesheje icyari gifite agaciro kuri we ari cyo ubusabane bwuje urukundo na Se, ari we Data. Yezu n’abigishwa be baririmbaga zaburi, bashinze imizi mu bukire bw’imigenzo yabo ya kiyahudi. Rimwe na rimwe, Yezu yarabitaruraga akajya gusengera aha wenyine.

Isengesho rishobora kuba iry'umuntu ku giti cye cyangwa arisangiye n'abandi. Rishobora kuba iry'igitangaza, amaganya, kwinginga, gushimira cyangwa guceceka gusa. Hari ubwo umuntu aba yifuza gusenga, ariko akiyumvamo ko atabishoboye. Guhindukirira Yezu ukamubwira, uti, "nyigisha", bishobora gukemura icyo kibazo. Ibyifuzo byacu ubwabyo ni amasengesho.

Guhurira hamwe mu matsinda bidutera imbaraga. Mu gusangira indirimbo, ijambo ry'Imana no guceceka, turema ubusabane. Iyo dusengana n'abemera Kristo bafite imigenzo itandukanye n'iyacu, dushobora gutungurwa no kumva twunze ubumwe bitewe n'ubucuti dufitanye burenze icyitwa amacakubiri cyose. Imigenzereze ishobora gutandukana, ariko Mwuka uduhuza ni umwe.

> *« Buri gihe iyo dusengera hamwe, urukundo rwa Yezu rugaragara muri twe, ntituzi uko bigenda. Amasengesho rusange ntakuraho amasengesho yacu bwite. Umwe akomeza undi. Reka buri munsi dufate umwanya wo kuvugurura ubucuti bwacu na Yezu Kristo"[8].*

*Amategeko y'i Taizé mu Gifaransa no mu Cyongereza*
Sosiyete ishinzwe guteza imbere ubumenyi bwa gikristo, u
Bwongereza pp. 19 & 21.

---

[8] Reba igitabo cyavuzwe hejuru, urup.84

**Isengesho**

Mwami Yezu, ubuzima bwawe bwose bwaranzwe no gusenga no gusabana na Data.

Binyuze mu Mwuka wawe, twigishe gusenga dukurikije ubushake bwawe bw'urukundo. Abizera bo ku isi yose bishyire hamwe mu gusenga no kuguhimbaza, maze ubwami bwawe bw'urukundo buze.

## UMUNSI WA GATANU

### Kwemera guhindurwa n'Ijambo

**"Namwe mumaze gusukurwa n'ibyo nababwiye …"**

*(Yh 15,3)*

| | |
|---|---|
| **Ivug 30, 11-20** | **Ijambo ry'Imana ribatuyemo** |
| **Mt 5, 1-12** | **Murahirwa** |

**Kuzirikana amasomo**

Ijambo ry'Imana ridutuyemo. Ni umugisha n'isezerano ry'ibyishimo. Niba dukinguye imitima yacu, Imana iratuvugisha kandi buhoro buhoro igahindura ibituganisha mu rupfu. Ikuraho ibitubuza gukura, nk'uko umuhinzi w'imizabibu atemurira umuzabibu we.

Kuzirikana ku byanditswe muri Bibiliya, wenyine cyangwa mu uri kumwe n'abandi, bihindura ibyo wibwiraga. Abakristu benshi basenga buri munsi basaba guhirwa. Ingingo nterahirwe ziduhishurira umunezero wihishe mu byo tutarangije, urenze imibabaro: hahirwa abo Mwuka yigaruriye, batagitinya kurira ahubwo bakareka amarira yabo agatemba kuko bazahozwa. Gutahura imbaraga bifitemo, bituma barushaho kugira inzara y'ubutabera, n'inyota yo kwifatanya n'abandi mu kuronkera isi amahoro.

Duhora duhamagarirwa kuvugurura ibyo twiyemeje mu buzima, binyuze mu bitekerezo n'ibikorwa byacu. Kandi hari ubwo dusogongera, tukiri hano ku isi, ku ihirwe tuzaronka ku buryo bwuzuye ku ndunduro y'ibihe.

**Senga kandi ukorere kugira ngo**
**aganze.**
**Jya ureka Ijambo ry'Imana**
**rihumeke ubuzima mu bikorwa**

**no kirihuko byawe bya buri munsi.**
**Komeza guceceka imbere muri byose kugira ngo ube muri Kristo.**
**Wuzure umwuka w'ihirwe: umunezero, ubworoherane, imbabazi**.

*Aya magambo avugwa buri munsi na bashiki bacu bo mu muryango w'i Grandchamp.*

**Isengesho**

Wubahwe Mana Data, ku bw'impano y'ijambo ryawe mu Byanditswe biziranenge
Wubahwe wowe uduhamagarira kwemera guhindurwa na ryo.  Dufashe guhitamo ubuzima kandi utuyoboreshe Mwuka wawe kugira ngo tubashe kubona umunezero wifuza cyane kutugezaho.

## UMUNSI WA GATANDATU

**Kwakira abandi.**

**“Mbatuma kujya kwera imbuto kandi ngo izo mbuto zanyu zigumeho”***(Yh 15,16b*

| | |
|---|---|
| **Intg 18,1-5** | **Aburahamu yakirira abamalayika munsi y’igiti** |
| **Mk 6,30-44** | **Yezu agirira impuhwe imbaga y’abantu** |

**Kuzirikana amasomo**

Iyo twemeye guhindurwa na Kristo, urukundo rwe muri twe rurakura kandi rukera imbuto. Kwakira abandi ni ikimenyetso kigaragara cyo gusangira urukundo ruba muri twe.

Mu mibereho ye yose, Yezu yashyikiranye n’abo yahuye na bo bose. Yabateze amatwi kandi akareka bakamukoraho adatinya imibabaro yabo.

Mu nkuru y'ubutumwa bwiza bwo gutubura imigati, Yezu yakozwe ku mutima n’impuhwe nyuma yo kubona imbaga ishonje. Azi ko ikiremwa muntu cyose kigomba kurya, kandi ko ari we wenyine ushobora kubamara inzara n’inyota y’ubuzima. Ariko

ntashaka kubagaburira atifashishije abigishwa be, batagize ikintu na gito bamuhaye: imigati itanu n'amafi abiri.

N'uyu munsi araduhamagara ngo dufatanye na we muri uku kwakira abandi nta yandi mananiza. Ntabwo bisaba byinshi kugira ngo umuntu uwo ari we wese yumve ko yakiriwe neza. Rimwe na rimwe, ibintu byoroheje cyane nko kumurebana urukundo, kumutega amatwi cyangwa se kumuba hafi gusa biba bihagije kugira ngo yumve ko yakiriwe neza. Iyo duhaye Yezu ubushobozi bwacu buke, abukoresha mu buryo butangaje.

Kandi tunarebeye ku byo Aburahamu yakoze, koko iyo dutanga ni bwo duhabwa, kandi iyo twakiriye abandi, tubironkeramo imigisha myinshi.

> *"Iyo twakiriye abashyistis ni Kristo ubwe tuba twakiriye*
>
> *Ese abantu twakira umunsi ku wundi bazabona muri twe abagabo n'abagore babengerana hamwe na Kristo, mahoro yacu?"*[9]

*Amategeko y'i Taizé mu Gifaransa no mu Cyongereza (2012) p. 103*

*Inyandiko-shingiro ya Taizé* (2000) p. 60

**Isengesho**

Yezu Kristo, uzi uburyo twifuza guha ikaze abavandimwe bacu turi kumwe. Uzi uburyo kenshi twumva ko ntacyo twashobora kubafasha mu

[9] Reba igitabo cyavuzwe hejuru, urup.99 na 42

bubabare bwabo. Wowe watubanjirije mu kubakira ku bw'impuhwe zawe.

Vugana na bo binyuze mu magambo yacu, ubashyigikire binyuze mu bikorwa byacu, kandi umugisha wawe uduhoreho twese.

## UMUNSI WA KARINDWI

### Gukura mu bumwe

**“Ni jye muzabibu namwe muri amashami”**

*(Yh 15,5a)*

| | |
|---|---|
| **1 Kor 1,10-13; 3,21-23** | **Ese Kristo arimo ibice?** |
| **Yh 17,20-23** | **Nk’uko jye nawe turi umwe** |

**Kuzirikana amasomo**

Mbere y’urupfu rwe, Yezu yasenze asaba ubumwe bw’abe ati “bose babe umwe… kugira ngo ab’isi bizere”. Twifatanije na we, nk’ishami riri ku muzabibu, dusangiye ingirabuzima imwe idutembamo kandi idutera imbaraga.

Buri mugenzo uba wifitemo ubukungu bwawo kandi uba ugomba kudufasha kurushaho kunoza ukwizera kwacu: gusabana n’Imana, binyuze muri Kristo, muri Mwuka. Uko turushaho kuba muri ubwo busabane, ni ko turushaho guhura n’abandi bakristo ndetse n’abantu bose. Pawulo aratuburira kwirinda imyifatire yari imaze guhungabanya ubumwe bw’abakristo ba mbere: kwiratana imigenzo yacu bwite

tukangiza ubumwe bw'umubiri wa Kristo. Bityo ibyo abantu batandukaniyeho bikaba intandaro y'amacakubiri aho kubakungahaza. Pawulo yarebaga kure cyane, ati "Byose ni ibyanyu, kandi mwebwe muri aba Kristo, na Kristo ni uw'Imana" (1 Kor 3, 22-23).

Kristo aradushakaho kunga ubumwe no kwiyunga ndetse no kunga ubumwe na we mu isengesho. Ati "…bose babe umwe. . . kugira ngo ab'isi bemere ko ari wowe wantumye" (Yh 17,21).

> *"Ntuzigere ucika intege mu kurwanya igisebo cyo gutandukana kw'abemera Kristo bigisha abandi gukunda bagenzi babo, nyamara bagakomeza gutandukana. Gira ishyaka ry' ubumwe bw'umubiri wa Kristo."*[10]
>
> *Amategeko y'i Taizé mu Gifaransa no mu Cyongerereza* (2012) p. 13

### Isengesho

Mwuka muziranenge, muriro utanga ubuzima
ukaba n'umwuka utuje, ngwino ugume muri twe.
Vugurura muri twe ishyaka ry'ubumwe kugira
ngo dushobore kubaho tuzi isano idihuza muri
wowe. Fasha abantu bose bambaye Kristo muri

[10] Reba igitabo cyavuzwe hejuru, urup. 83

Batisimu yabo bishyire hamwe kandi bahamirize
hamwe ibyiringiro bibabeshaho.

## UMUNSI WA MUNANI

### Kwiyunga n'ibyaremwe byose

**"Ibyo mbibabwiye kugira ngo ibyishimo byanjye bibe muri mwe, kandi n'ibyishimo byanyu bibe bisesuye"** *(Yh 15,11)*

| | |
|---|---|
| **Kol 1,15-20** | **Ni we uhuriza hamwe byose** |
| **Mk 4,30-32** | **Nk'akabuto ka sinapi** |

**Kuzirikana amasomo**

Indirimbo ya Kristo dusanga mu ibaruwa yandikiwe Abanyakolosi iraduhamagarira kuririmba ishimwe ry'agakiza k'Imana, kabundikiye isi yose. Muri Kristo wabambwe kandi wazutse, hafunguwe inzira y'ubwiyunge, ndetse n'ibyaremwe byasezeranyijwe ejo hazaza huje ubuzima n'amahoro.

Turebesheje amaso yo kwizera, tubona ko ubwami bw'Imana ari ukuri kuri hafi yacu ariko kukiri guto cyane, kutagaragara nk'imbuto ya sinapi. Ariko, iragenda ikura. No mu bibazo by'isi yacu Mwuka w'Uwazutse arakora. Adushishikariza kugira uruhare, dufatanyije n'abantu bose bafite ubushake - mu gushaka ubudacogora ubutabera n'amahoro, kugira ngo isi yongere kuba inzu y'ibiremwa byose.

Tugira uruhare mu murimo wa Mwuka wo gutuma ibyaremwe uko byakabaye bikomeza guhimbaza Imana. Iyo kamere ibabaye, iyo abantu bashenjaguwe, Mwuka wa Kristo wazutse - aho kutureka ngo dute umutwe - aduhamagarira kunga ubumwe na we mu bikorwa bye byo gukiza.

Ubuzima bushya Kristo azana, nubwo butagaragara, ni urumuri w'amizero kuri benshi. Ni isoko y'ubwiyunge ku byaremwe byose kandi ikubiyemo ibyishimo bituruka ahaturenze ubwacu: "kugira ngo ibyishimo byanjye bibe muri mwe, kandi n'ibyishimo byanyu bibe bisesuye" (Yh 15,11).

> *Urashaka kwishimira ubuzima bushya Kristo atanga muri Mwuka muziranenge, ukareka bukaba muri wowe, muri twe, mu itorero, ku isi no mu byaremwe byose?*[11]

**Isengesho**

Mana Butatu-buziranenge, turagushimira kuba waraturemye kandi udukunda. Turagushimira ko uba muri twe no mu byaremwe.

[11] Isezerano rya kabiri ryatanzwe mu gihe cyo gusezerana mu muryango w'i Grandchamp

Reka amaso yawe y’ibyiringiro ku isi ahinduke ayacu. Bityo dushobore gukorera isi aho ubutabera n’amahoro biganje, ku bw’icyubahiro cy’izina ryawe.

## UMURYANGO W'I GRANDCHAMP N'UBUNARARIBONYE BWAWO MU MATWARA YO GUHARANIRA UBUMWE BW'ABEMERA KRISTO*

Mu myaka ya za 1930, bamw mu bagore bo mu Itorero ryavuguruwe ry'Ubusuwisi buvuga Igifaransa bagize itsinda rizwi ku izina rya "Ladies of Morges" bongeye kubona akamaro ko guceceka mu kumva ijambo ry'Imana, barebeye kuri Kristo, wagiye yitarura abandi kenshi akajya gusengera aha wenyine. Bayoboye imyiherero yo mu mwuka, bakingurira abandi bidatinze, maze buhoro buhoro bagenda bayitegura ku buryo buhoraho muri Grandchamp, umudugudu muto hafi y'ikiyaga cya Neuchâtel. Nyuma yaho, havutse icyifuzo cyo gusenga mu buryo buhoraho no kwakira abashyitsi. Ni muri ubwo buryo umugore waje kuba Mama Marigarita yatuye muri Grandchamp. Bidatinze, yaje kwifatanya n'abandi bagore babiri, barimo umwe wari ufite inyota yo kubaho ubuzima bwo mu muryango. Genoveva Micheli, uwatangije iyi myiherero, yakurikiraniye hafi iyi ntangiriro nshya y'uburyo bwo gusenga kandi atera akanyabugabo bashiki bacu batatu ba mbere mu rugendo rwabo. Ku busabe bwabo, yaje kuba mama wa mbere w'umuryango mu w'1944.

Ku ikubitiro, kubera ko mu matorero ashingiye ku Ivugurura nta muryango w'ubwoko bw'abihaye Imana wari wakabayeho, bashiki bacu ba mbere, batari bafite ubunararibonye no mu bukene bwabo, nta gitabo cy'amasengesho cyangwa amategeko agenga umuryango, biyambaje abihaye Imana b'andi madini kugira ngo babayobore. Bityo bari bahaye ikaze ubukungu buvuye mu yindi mico. Bari bafite byinshi byo kwiga birimo uburyo bwo kubaho ubuzima bushingiye ku ijambo ry'Imana no kurizirikanaho buri munsi, uburyo bwo kubana n'abandi mu muryango no kwakira abashyitsi.

Bashiki bacu ba mbere bahuye n'ingorane zishingiye ku gucikamo ibice hagati y'abemera Kristo - cyane cyane Mama Genoveva, wabonaga akamaro k'umurimo wo guharanira ubumwe bw'abemera Kristo na tewolojiya. Ariko, uyu murimo wagombaga gushingira ku kintu cy'ingenzi kuri we, ari cyo gusenga nk'uko tubisanga mu butumwa bwiza bwanditswe na Yohani 17,21: "ndasaba ko bose baba umwe. Data, nk'uko uri muri jye nanjye nkaba muri wowe, ni ko nsaba ko baba umwe na twe, kugira ngo ab'isi bemere ko ari wowe wantumye." Yashakaga gutanga ubuzima bwe mu guharanira ubumwe muri Kristo no ku bwa Kristo, kugeza umunsi Imana izaba

byose muri bose. Uwo muhamagaro w'umuryango rero ntabwo wabaye amahitamo yawo ahubwo ni impano, ubuntu bwakiriwe kuva kera kandi bwavutse mu bukene.

Ubu buntu bwakomejwe kandi buterwa imbaraga no guhura kenshi. Umwe muri iyo mihuro ku muryango mushya twavuga nko guhura kwabo na Padiri Pawulo Couturier. Umupadiri w'umugatolika i Lyon, Padiri Pawulo Couturier yari umwe mu batangije amatwara yo guharanira ubumwe bw'abemera Kristo ndetse n'icyumweru cyo gusabira ubumwe bw'abakristo nk'uko tukizi uyu munsi. Ubucuti bwimbitse bwarakuze hagati ye na bashiki bacu ba mbere, kandi yitangira kubaherekeza mu rugendo rwabo rwo mu mwuka, nk'uko bigaragazwa n'inzandiko zabo. Mu 1940, Padiri Pawulo yandikiye Mama Genoveva agira ati,

> *….. Nta mwiherero wo mu mwuka wagakwiye kubaho ngo ubure gusiga abakristo bababajwe cyane n'amacakubiri abarangwamo no kwiyemeza guharanira ubumwe binyuze mu masengesho avuye ku mutima no gusukurwa buhoro buhoro…. Kuri jye, ikibazo cy'ubumwe ni cyo nshishikariye kuruta ibindi byose kandi kikaba n'ikibazo shingiro ry'icyerekezo cy'ubuzima bw'umuntu bwo mu mwuka. Ubwo rero, urumva agaciro mpa ibyo wasabye n'igikorwa cy'umwiherero mu mwuka. Reka dusenge cyane, mu yandi magambo, tureke Kristo yisanzure muri twe.*

Undi mubonano w'ingenzi cyane ni uwo guhura na Roger Schutz, waje kuba furere Roje (Roger) wa Taizé, wasuye Grandchamp mu 1940. Ubushakashatsi bwe bwite bwatewe inkunga n'ababikira bakomeje gushyikirana na we. Uko imyaka yagiye ihita indi igataha ni ko ubucuti n'ubusabane bwabo byagiye birushaho gukomera kugeza mu 1953 ubwo Umuryango w'i Grandchamp wemeraga gukurikiza Amategeko ya Taizé ndetse n'imisengere ya Taizé bikimara gutangazwa. Furere Roger yaranditse agira, ati

> *"Guhora duharanira ubumwe bihuza kiremwa muntu: bihuza ibyo dutekereza n'ibikorwa, abo turi bo n'ibyo dukora. Uku kuringaniza kugerwaho buhoro buhoro uko tugenda tubiharanira, tugerageza guhuza ibyiza biri muri twe ubwacu n'ibiri imbere muri twe: Kristo muri twe."*[12]

---

*Itangazwa ry'iyi nyandiko ryishingiwe n'Umuryango w'i Grandchamp wateguye umushinga w"Icyumweru cy'Amasengesho yo gusabira ubumwe bw'abakristo 2021

[12] Furere Roje w'i Taizé, Inyandiko-Shingiro. Imana ishaka ko twishima, Taizé, Les Ateliers et Presses de Taizé, 2011, p. 121

Bidatinze, ku bufatanye n’abafurere b’i Taizé n’abashiki bato ba Yezu, bashiki bacu b’i Grandchamp na bo biyemeje kubaho mu buryo bworoshye bw'amasengesho n'ubucuti mu miryango mito akenshi mu turere dukennye cyane cyane muri Alijeriya, Isiraheli, Libani no mu bice bakoreramo mu bihugu bitandukanye by'u Burayi. Umubano wimbitse bagiranye n’abaturanyi n’amatorero byaho byatumye bashobora kuvumbura imihango itandukanye ya liturujiya mu itorero rikwiriye ku isi kandi ubakingurira guhura n’andi madini.

Ku bw’umuhamagaro wo guharanira ubumwe bw’abemera Kristu, bashiki bacu b’i Grandchamp bihaye umurimo wo guharanira ubwiyunge hagati y’abemera Kristo, mu muryango w’abantu, no kubaha ibyaremwe byose. Bahise babona ko uyu muhamagaro ugomba kubanza kugaragara mu muryango wabo ubwawo no hagati yabo. Intambara ya Kabiri y’Isi Yose ikirangira, bashiki bacu ba mbere b’Abadage n’Abaholandi (nyuma yo kubona ibyari bimaze kuba), bakurikiwe n’ababikira bo muri Indoneziya, Otirishiya, Kongo, Repubulika ya Ceki, Suwede na Letoniya bo mu madini atandukanye, bifatanyije na bashiki bacu ba mbere baturutse mu Busuwisi no mu Bufaransa. Muri iki gihe umuryango ubarirwamo bashiki bacu bagera kuri mirongo itanu bo mu myaka itandukanye.

Kimwe n’ababatijwe bose, bashiki bacu bahamagariwe kuba ibyo basanzwe bari cyo mu buryo bwimbitse ari byo kuba ibiremwa bisabana. Ni gute twabigeraho tutarize mbere na mbere kwiyakira mu byo dutandukaniyeho? Ibidutandukanya ni impano iva ku Mana kandi ni n’ikibazo gikomeye kibangamiye ubumwe. Imyizerere, indimi, imico n'ibisekuru bitandukanye bituma umuryango uhura n’ingorane zo kubaho wunze ubumwe mu buryo butandukanye bwawo buto. Uku kudasa gukubiyemo kandi inzira zitandukanye zo gusenga, gutekereza, gukora, kugirana ubucuti, n’ibindi. Ni gute rero dushobora guharanira ubwiyunge niba tutabayeho tubabarirana umunsi ku munsi? Ibi bisaba gukora kwa muntu w’imbere hanyuma tukabona kuza mu mibanire n’abandi, twizeye imbabazi z’Imana. Byose bitangirira mu mutima w’umuntu, ahaboneka umuzi w’amacakubiri yose, ibikomere byimbitse bikeneye komorwa kugira ngo tubone kwakira amahoro y’Imana. Ubumwe hagati yacu rero ni imbuto zo guhinduka buhoro k’ubuzima bwacu Mwuka atuzanira iyo tumwemereye akadukoreramo.

Isengesho rya Liturujiya ni inkingi ya mwamba y’ubuzima bwa buri munsi bw’umuryango w’i Grandchamp kandi ribahuza inshuro enye buri munsi. Ibihe

bitandukanye byo gusenga liturujiya bifasha ababikira kwicengezamo ubuzima bwa Kristo ku bwa Mwuka muziranenge.

Agashusho k'Ubutatu kari rwagati muri shapeli y'i Grandchamp kakira ababikira bucece. Kabahamagarira kwinjira mu busabane bw'urukundo hagati ya Data, Mwana na Mwuka muziranenge, kugira ngo urwo rukundo rukure imbere kandi rutembe muri bo no ku bashyitsi. Hanyuma akenshi habaho guhanahana impano. Bashiki bacu bakunze kuvuga ko buri gihe bakira ibirenze ibyo batanga!

Uku kwakira abashyitsi kwatumye bahura mu buryo butangaje n'abantu babakanguriye ugutsindisha inabi ineza bivugwa mu butumwa bwiza ari bo Yohani na Ilidegaridi Goss, Yozefu Pyronnet na Simone Pacot watangije amasomo ya "Bethesda", ivugabutumwa ryimbitse. Muri icyo gihe kandi, bashiki bacu bashoboye kumva ku buryo bufatika akamaro ko kwita ku bidukikije: guteza imbere ubusitani karemano, ibikomoka ku bidukikije, uburyo bwo kurya, ingendo, gucunga umutungo wabo, kwifatanya n'abandi no kubana na bo. Ni yo mpamvu bashiki bacu bitondera guhuza no kungurana ibitekerezo n'indi miryango, amatsinda, ingendo, abantu biyemeje, cyane cyane n'imiyoboro y'amadini na / cyangwa abihaye Imana ku rwego rw'akarere, uturere, mpuzamahanga, mpuzamatorero, hamwe n'abantu bitabira ibiganiro by'amatorero n'amadini, imiryango iharanira ubwiyunge, ubutabera, amahoro n'ubusugire bw'ibyaremwe byose.

Kimwe n'indi miryango myinshi yo mu Burayi, nubwo ab'i Grandchamp bishimira amavugurura, na bo bahanganye n'ikibazo cyo kugabanuka kw'imbaraga z'umubiri wabo no gusaza, bibafasha kwiyungura ibitekerezo bishya. Nk'uko ababikira ba mbere bakeneraga imfashanyo, ni na ko ababikira bo muri iki gihe na bo bakenera inkunga zo hanze n'abakorerabushake kugira ngo bashobore kwakira ababagana. Ubwitange bwabo bushingiye ku gusangira ubuzima bwabo bwo gusenga no gukora. Uyu muryango witeguye kwakira mbere na mbere urubyiruko, ariko kandi nta myaka ntarengwa kandi urakinguye ku bantu baturutse ku migabane yose bashaka guha agaciro ubuzima bwabo, ku bakristu bo mu madini atandukanye, ku bavandimwe bo mu miryango itandukanye, rimwe na rimwe abayahudi, abayisilamu n'abayoboke b'andi madini, ndetse n'abantu badafite idini ryihariye. Muri ubu buryo uru rugo rwifuza kuba inzu yo gusengeramo ku bantu bose, ahantu ho kwakirirwa, h'ibiganiro no guhura.

Ubukene bw’indi miryango y’abiyeguriyimana bwafunguye indi nzira, vuba aha, bituma bashiki bacu b’i Grandchamp bagerageza gutega amatwi hamwe n’abandi banyamadini no kumenya uko bakwitaba umuhamagaro wabo. Ni ubuntu bushya kubasha kuba ahantu ho gusengera icyarimwe n’ikimenyetso cy’ubwiyunge. Ni yo mpamvu, umwe muri bashiki bacu b’i Grandchamp yamaze imyaka itandatu aba mu Bufaransa mu bukangurambaga bw’ubumwe bw’abemera Kristo ari kumwe na bashiki bacu bo mu miryango ine itandukanye. Ubu hashize imyaka itari mike bashiki bacu bakorera ingendo zoroshye, zimara amezi atatu, muri Isiraheli kugira ngo bimenyereze ubuzima bwaho. Umwe muri abo bashiki bacu yinjiye mu muryango wa Bashiki baYezu bato kugira ngo basangire ubuzima bwabo bwa buri munsi. Nyuma yaho gato, abandi bashiki bacu babiri bimenyereje uburyo bw’imibereho mu muryango w’abakarumeli wa Mutagatifu Yozefu. Kuri ubu, bashiki bacu bamwe bari muri Taizé ku buryo buhoraho. Ubu bunararibonye butuma urushaho gukomera no kugira ishyaka.

Imirimo y’Inama y’Amatorero ku isi ifite umwanya w’ingenzi mu isengesho ry’i Grandchamp. Buri wa mbere nimugoroba, bashiki bacu bavuga isengesho ryo gusabira ubumwe bw’abemera Kristo ryatanzwe na WCC.

Aba bashiki bacu bagize amahirwe yo kwitabira inteko nyinshi za WCC nk’izabereye i Vancouver, Harare na Porto Alegre. Hashize imyaka itari mike, bagiye bagaragara kenshi mu mu kigo mpuzamatorero cya “Ecumenical Institute” i Bossey, ahari itsinda rito ry’abandimwe rigamije gusenga, kwakira abashyitsi no gutsura umubano.

Nubwo bitagaragarira buri wese, abiyeguriyimana bafite umwanya ukomeye mu nzira y’ubwiyunge bw’amatorero. Baririmba ibya Kristo wazutse, we mpano y’ubusabane buhoraho, Mwuka Muziranenge utera kwaguka ku buryo bwinshi no mu mpano zitabarika. Bashobora gukora nk’umusemburo mu ifu, umusemburo w’ubumwe, kuko batuganisha mu bwimbike bw’ibanga ry’ukwemera, mu nzira yo guhora duhinduka, yo kuba bashya. Kandi mu bihe bimwe na bimwe ubuzima bwo kwiyegurira Imana bushobora gufasha abantu kwistinda ubwabo. Rimwe na rimwe, kandi tutabizi, ibi bishobora kugira ingaruka mu bindi bice by’umubiri wa Kristo.

Andreya Louf abivuga muri aya magambo, ati

*“Iyo itorero ryacitsemo ibice, ikigo cy’abiyeguriyimana kiba kimeze “nk’ubutaka butagira nyirabwo” bwa Mwuka Muziranenge. Ikigo cy’abiyeguriyimana gikwiye kuba ihuriro rihebuje ry’abemera Kristo. Gishobora kurangwa no gusabana kutaboneka ahandi uretse gusa mu byiringiro. Aho cyaba kiri hose, ikigo cy’abiyeguriyimana ntabwo ari icy’Aborotodogisi cyangwa abagatolika, kugeza ubwo byagera aho basa n’abahanganye. Ikigo cy’abiyeguriyimana ni ikimenyetso cy’itorero riri hamwe ari ryo Mwuka ashaka ko tubamo muri iki gihe.*[13]”

.

Ku yandi makuru, wasura urubuga: www.grandchamp.org

[13] Dom André LOUF, ikiganiro cyatanzwe ku wa 16 Ukuboza 1979 i Notre-Dame de Paris mu muhango wo gutangiza umwaka wa Mutagatifu Benedigito.

**ICYUMWERU CY'AMASENGESHO YO GUSABIRA UBUMWE BW'ABAKRISTO**

**Insanganyamatsiko z'imyaka 1968-2021**

*Kuva mu mwaka w' 1968, ni bwo hatangiye ku mugaragaro ubufatanye hagati ya Komisiyo ishinzwe "Ukwemera n'inzego ziyigize"mu na Nama y'Itorero ku isi n'Inama ifasha Papa guteza imbere ubumwe bw'abakristo mu gikorwa cyo gutegura aya masomo. Kuva mu w'1975, aka gatabo gakorwa buri mwaka hashingiwe ku mushinga wateguwe n'itsinda ry'abaharanira ubumwe bw'abemera Kristo ryo mu kindi gihugu.*

**1968 Kugira ngo bayiheshe ishimwe n' ikuzo (Ef 1,14)**

**1969 Imana yabahamagariye kwishyira mukizana (Gal 5,13)**

(Inama ishinzwe gutegura i Roma, mu Butaliyani).

**1970 Dufatanye gukora umurimo w 'Imana (1 Kor 3,9)**

(Inama yo gutegura mu kigo cy 'abiyeguriyimana cy 'i Niederaltaich, muri Repubulika yunze ubumwe y'u Budage).

**1971 …. n 'ubusabane mukesha Mwuka Muziranenge (2 Kor 13,13)**

(Inama yo gutegura y' i Bari, mu Butaliyani).

**1972 Mbahaye itegeko rishya (Yh 13,34)**

(Inama yo gutegura y 'i Génève, mu Busuwisi).

**1973 Nyagasani, natwe twigishe gusenga (Lk 11,1)**

(Inama itegura mu kigo cy' Abiyeguriyimana cy' i Montserrat, muri Hispaniya)

**1974 Bose bemeza ko: Yezu Kristo ari we Nyagasani (Fil 2,1-13)**

(Inama yo gutegura y'i Génève, mu Busuwisi)

**(**Muri Mata 1974, ibaruwa yohererejwe amatorero y' abanyamuryango n' abandi bantu bashishikajwe n' ishyirwaho ry' amatsinda muri buri gihugu, bashobora kugira uruhare mu itegurwa ry' agatabo k' Icyumweru cy' Amasengesho yo gusabira Ubumwe bw' abakristo. Itsinda ryo muri Ostraliya riba irya mbere kwitabira nyabyo, mu itegurwa ry' umushinga w' ikubitiro w' agatabo k' Icyumweru cy' amasengesho mu 1975.)

**1975 Umugambi w' Imana Data: Kwegurira Kristo ibintu byose abibere Umutware (Ef 1,3-10)**

(Umushinga w amasomo wateguwe n' itsinda ryo muri Ostraliya –Inama yo gutegura ibera I Génève, mu Busuwisi).

**1976 Twahamagariwe kuzamera nka we, kuko tuzamureba uko ari (1 Yh 3,2)**

(Umushinga w' amasomo wateguwe n' Inama y' amtorero yo muri – Inama itegura ibera i Rome, mu Butaliyani)

**1977 Uyiringira (Inama) ntabwo azakorwa n' isoni (Rom 5,1-5)**

(Umushinga yo gutegura amasomo wakorewe muri Libani, mu gihe cy' intambara. Inama yo gutegura yabereye i Génève, mu Busuwisi).

**1978 Ntimukiri abanyamahanga (Ef 2,13-22)**

(Umushinga wo gutegura amasomo wakozwe n' itsinda mpuzamatorero ry' i Manchester, mu Bwongereza).

**1979 Nihagira ukorera abandi, […] Ni bwo Imana izahabwa ikuzo (1 Pet 4,7.11)**

(Umushinga wo gutegura amasomo wakorewe muri Argentina –Inama yo gutegura yabereye i Génève, mu Busuwisi).

**1980 Ubwami bwawe nibuze (Mt 6,10)**

(Umushinga wo gutegura amasomo wakozwe n' itsinda mpuzamatorero ry' i Berlin, muri Repuburika iharanira Demokarasi y' Ubudage – Inama yo gutegura yabereye i Milan, mu Butaliyani).

**1981 Mwuka ni umwe – impano ziri uburyo bwinshi- Umubiri ni umwe (1 Kor 12,3b-13)**

(Umushinga wo gutegura amasomo wakozwe n'Abapadiri b' i Graymoor**, muri** Leta zunze ubumwe za Amerika-Inama yo gutegura yabereye i Génève, mu Busuwisi).

**1982 Uhoraho, hahirwa abibera mu Ngoro yawe (Zaburi 84)**

**(**Umushinga wo gutegura amasomo wakorewe muri Kenya- Inama yo gutegura yabereye i
Milan, mu Butaliyani).

**1983 Yezu Kristo – ubugingo bw'isi (1 Yh 1,1-4)**
(Umushinga yo gutegura amasomo wakozwe n' itsinda mpuzamatorero ryo muri Irlande
Inama yo gutegura yabereye i Celigny [Bossey] , mu Busuwisi).

**1984 Twahamagariwe kunga ubumwe tubikesha Umusaraba w' umwami wacu ( 1 Kor 2 ,na Kol 1,20)**
Inama yo gutegura yabereye i Venise, mu Butaliyani).

**1985 Tuva mu rupfu tujya mu Bugingo hamwe na Kristo (Ef 2,4.7)**
(Umushinga wo gutegura amasomo wateguriwe muri Jamaique- Inama yo gutegura
yabereye i Grandchamp, mu Busuwisi).

**1986 Muzaba abagabo bo guhamya ibyanjye (Intu 1,6.8)**
(Amasomo yateguriwe muri Yougoslaviya [Slovenie]- Inama yo gutegura yabereye muri
Yougoslaviya).

**1987 Iyo umuntu ari muri Kristo, aba icyaremwe gishya (2 Kor 5,17-6,4a)**
(Umushinga w' amasomo wateguriwe mu Bwongereza –Inama yo gutegura yabereye i
Taize, mu Bufaransa).

**1988 Urukundo rwuzuye ruhashya ubwoba (1 Yh 4,18)**
(**Umushinga** w' amasomo wateguriwe mu Butaliyani – Inama yo gutegura yabereye i Pinerolo,
mu Butaliyani).

**1989 Kubaka umuryango: Muri Kristo twabaye umubiri umwe (Rom 12,5-6a )**
(Umushinga w' amasomo wateguriwe muri Kanada –Inama yo gutegura yabereye i
Whaley Bridge, mu Bwongereza).

**1990 Ndasaba ko bose baba umwe…. Kugira ngo ab' isi bemere ( Yh 17)**
(umushinga w'amasomo wateguriwe muri Hispaniya-Inama yo gutegura yabereye i

Madrid, muri Hispaniya)

**1991 Mwa mahanga yose mwe, nimusingize Uhoraho (Zaburi na Rom 15,5-13)**

(Umushinga w'amasomo wateguriwe mu Budage-Inama yo gutegura yabereye i Rotenburg an der Fulda, muri Repubulika yunze ubumwe y'Ubudage)

**1992 Nimugende […] dore ndi kumwe namwe (Mt 28, 16-20)**

(Umushinga w'amasomo wateguriwe mu Bubiligi-Inama yo gutegura yabereye i Bruges, mu Bubiligi)

**1993 Nimwere imbuto ziva kuri Mwuka, kugira ngo mugere ku bumwe bw'abakristo (Gal 5,22-23)**

**(**Umushinga w'amasomo wateguriwe muri Kongo (Zaïre)-Inama yo gutegura yabereye hafi ya Zurich, mu Busuwisi)

**1994 Umuryango w'Imana: bose bahamagarirwa "kugira umutima umwe n'umugambi Umwe" (Intu 4,32)**

(Umushinga w'amasomo wateguriwe mu Irlande-Inama yo gutegura yabereye i Dublin, muri Irlande).

**1995 Koinônia: Ubumwe mu Mana no hagati yacu (Yh 15,1-7)**

(Umushinga w'amasomo wateguwe na Komisiyo ishinzwe ukwemera n'inzego ziyigize-Inama yo gutegura yabereye i Bristol, mu Bwongereza)

**1996 Dore mpagaze ku rugi ndakomanga (Ibyah 3,14-22)**

(Umushinga w'amasomo wateguriwe muri Portugal-Inama yo gutegura yabereye i Lisbonne, muri Portugal)

**1997 Turabinginga mu izina rya Kristo, nimwiyunge n'Imana (2Kor 5,20**)

(Umushinga w'amasomo wateguriwe muri Scandinavia-Inama yo gutegura yabereye i Stockholm, muri Suwedi)

**1998 Mwuka adusanga mu ntege nke zacu akatwunganira (Rom 8, 14-27)**

(Umushinga w'amasomo wateguriwe mu Bufaransa-Inama yo gutegura yabereye i Paris, mu Bufaransa)

**1999 Imana ubwayo izabana n'abantu bayo, ibe Imana yabo (Ibyah 21,3)**

(Umushinga w'amasomo wateguriwe muri Maleziya-Inama yo gutegura yabereye mu kigo cy'Abiyeguriyimana cya Bose, mu Butaliyani)

**2000 Nihasingizwe Imana…yadusendereje imigisha muri Kristo ( Ef 1, 3-14)**

(Umushinga w'amasomo wateguwe n'Inama y'Amatorero yo mu Burasirazuba bwo Hagati-Inama yo gutegura yabereye mu Ngoro y'i Verna, mu Butaliyani)

**2001 Ni jye nzira n'ukuri n'ubugingo (Yh 14, 1-6)**

(Umushinga w'amasomo wateguriwe muri Rumania-Inama yo gutegura yabereye i Casa de Odihna, muri Rumaniya)

**2002 Koko ni wowe soko y'ubugingo (Zaburi 36[35], 10)**

(Umushinga w'amasomo wateguwe n'Inama y'Abepiskopi y' u Burayi (CCEE) n'Inama y'Amatorero y'u Burayi (CEC)-Inama yo gutegura yabereye mu Kigo mpuzamatorero cy'i Ottmaring, Augsbourg muri Repubulika yunze ubumwe y'u Budage)

**2003 Ubwo bukungu tubutwaye tumeze nk'ibibindi bimeneka ubusa (2Kor 4,7)**

(Umushinga w'amasomo wateguriwe muri Argentine-Inama yo gutegura yabereye mu kigo mpuzamatorero 'Los Rubios' i Malaga [muri Hispaniya])

**2004 Mbasigiye amahoro yanjye (Yh 14,27)**

(Umushinga w'amasomo wateguriwe i Alep muri Siriya-Inama yo gutegura yabereye i Palerme, mu Butaliyani)

**2005 Kristo, urufatiro rukumbi rw'ingoro y'Imana (1 Kor 3, 1-23)**

(Umushinga w'amasomo wateguriwe muri Slovakiya-Inama yo gutegura yabereye i Piestany, muri Slavakiya)

**2006 Aho babiri cyangwa batatu bateraniye mu izina ryanjye mba ndi hamwe na bo (Mt 18,20)**

(Umushinga w'amasomo wateguriwe muri Irlande-Inama yo gutegura yabereye i Prosperous, County Kildare, muri Irlande)

**2007 Yatumye ibipfamatwi byumva n'ibiragi bivuga (Mk 7,37)**

(Umushinga w'amasomo wateguriwe muri Afurika y'Epfo-Inama yo gutegura yabereye muri Château de Faverges, Haute-Savoie mu Bufaransa)

**2008 Musenge ubutitsa (1 Tes 5,17)**

(Umushinga w'amasomo wateguriwe muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika-Inama yo gutegura yabereye i Graymoor, Garrison, muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika)

**2009 Nzaturana na bo, mbe Imana yabo (Ezek 37, 17.27)**

(Umushinga w'amasomo wateguriwe muri Koreya-Inama yo gutegura yabereye i Marseille, mu Bufaransa)

**2010 Ni mwe bagabo bo kubihamya (Lk 24,48)**

(Umushinga w'amasomo wateguriwe muri Ecosse-Inama yo gutegura yabereye i Glasgow, muri Ecosse)

**2011 Bakomeza kwita ku nyigisho z'intumwa, bagashyira hamwe, bakamanyura umugati kandi bagasenga (Intu 2,42)**

(Umushinga w'amasomo wateguriwe i Yeruzalemu-Inama yo gutegura yabereye i Saydnaya, muri Siriya)

**2012 Bose bazahindurwa n'Ugutsinda k'Umwami wacu Yezu Kristo (reba 1 Kor 15,51-58)**

(Umushinga w'amasomo wateguriwe muri Pologne-Inama yo gutegura yabereye i Varsovie, muri Pologne)

**2013 Icyo Imana idushakaho ni iki? (reba Mika 6, 6-8)**

(Umushinga w'amasomo wateguriwe mu Buhinde-Inama yo gutegura yabereye i Bangalore, mu Buhinde)

**2014 Ese Kristo yaciwemo ibice byinshi? (reba 1 Kor 1, 1-17)**

(Umushinga w'amasomo wateguriwe muri Kanada-Inama yo gutegura yabereye i Montréal, muri Kanada)

**2015 Yezu aramubwira ati, "Mpa amazi yo kunywa" (Yh 4,7)**

(Umushinga w'amasomo wateguriwe muri Brésil-Inama yo gutegura yabereye i Saolo Paulo, muri Brésil)

**2016 Mwahamagariwe kwamamaza ibikorwa bitangaje by'Imana (reba 1Pet 2,9)**

(Umushinga w'amasomo wateguriwe muri Lettoniya-Inama yo gutegura yabereye i Riga, muri Lettoniya)

**2017 Twiyunge: Urukundo rwa Kristo ni rwo rubiduhatira (reba 2Kor 5,14-20)**

(Umushinga w'amasomo wateguriwe mu Budage-Inama yo gutegura yabereye i Wittemberg, mu Budage)

**2018 Uhoraho, ukuboko kwawe kw'iburyo kwajanjaguye abanzi (Kuv 15,6)**

(Umushinga w'amasomo wateguriwe muri Caraïbes-Inama yo gutegura yabereye i Nassau, muri Bahamas)

**2019 Uzaharanire ubutabera bwonyine (Ivug 11, 18-20)**

(Umushinga w'amasomo wateguriwe muri Indoneziya-Inama yo gutegura yabereye i Jakarta, muri Indoneziya)

**2020 "Abaturage baho batwakira neza bitangaje" (reba Intu 28,2**)

(Umushinga w'amasomo wateguriwe mu kirwa cya Malita-Inama yo gutegura yabereye i Rabat, mu kirwa cya Malita)

**2021 Nimugume mu rukundo rwanjye ni bwo muzera imbuto nyinshi (reba Yn 15,5-9)**

(Umushinga w'amasomo wateguwe n'umuryango w'i Grandchamp mu Busuwisi -Inama yo gutegura yabereye i Areuse, mu Busuwisi)

**AMWE MU MATARIKI Y'INGENZI MU MATEKA Y'ICYUMWERU CY'AMASENGESHO YO GUSABIRA UBUMWE BW'ABAKRISTO**

1740 Muri Ecosse, ivuka ry'itorero rya Pentekote rifite n'amashami muri Amerika y'Amajyaruguru, rikagira ubutumwa bwo kuvugurura ukwemera, rigahamagarirwa gusabira Amatorero yose hamwe na ryo.

1820 Nyakubahwa James Haldane yatangaje inyandiko yise "Inama zafasha ubumwe rusange bw'abakristo hagamijwe isenderezwa rya Mwuka" (Hints for the General Union of Christians for the Outpouring of the Spirit".

1840 Nyakubahwa Padiri Inyasi Spencer, umuyoboke w'idini gatolika rya Roma, yatanze

igitekerezo ku "Isengesho mpuzamatorero ryo gusabira ubumwe".

1867 Inteko ya mbere y'abepiskopi b'Abangilikani i Lambeth, yibanze ku isengesho ryo gusabira ubumwe, mu ijambo ry'ibanze ry'imyanzuro yayo.

1894 Papa Lewo wa XIII, ashishikariza gukora iminsi umunani y'amasengesho yo gusabira

ubumwe bw'abakristo mu mwuka wa Pentekote.

1908 Ikoraniro rya mbere ry'" Iminsi umunani y'amasengesho yo gusabira ubumwe

bw'abakristo", biturutse ku gitekerezo cya Nyakubahwa Padiri Pawulo Wattson.

1926 Komisiyo ishinzwe "Ukwemera n'inzego ziyigize" itangira gutangaza "ibitekerezo bijyanye n'Iminsi umunani y'Amasengesho yo gusabira ubumwe bw'abakristo".

1935 Mu Bufaransa, Padiri Pawulo Couturier aba umujyanama w' "Icyumweru mpuzamahanga cy'amasengesho yo gusabira ubumwe bw'abakristo, bushingiye ku isengesho rijyanye n'ubumwe Kristo yifuza, no mu buryo abyifuza".

1958 Ikigo cyitiriwe "Ubumwe bw'abakristo" cy'i Lyon mu Bufaransa cyatangiye gutegura insanganyamatsiko y'Icyumweru cy'amasengesho yo gusabira

ubumwe bw'abakristo gifatanyije na Komisiyo ishinzwe "Ukwemera n'inzego ziyigize" y'Inama ishinzwe ubumwe mpuzamatorero.

1964 I Yeruzalemu, Papa Pawulo wa VI n'Umukambwe mukuru Athenagorasi wa I bavugiye hamwe isengesho rya Kristo ngo "Ndasaba ko bose baba umwe" (Yh 17).

1964 Iteka ry'Inama nkuru ya Kiliziya gatolika yabereye i Vatikani ubwa kabiri ryerekeye ubumwe bw'abemera Kristo, ryemeza ko isengesho ari umutima w'ibikorwa mpuzamatorero, kandi igashishikariza ishyirwa mu bikorwa ry'Icyumweru cy'amasengesho yo gusabira ubumwe bw'abakristo.

1966 Komisiyo ishinzwe "ukwemera n'inzego ziyigize" n'Ubunyamabanga bw'ubumwe bw'abakristo (ubu ni Inama ifasha Papa guteza imbere ubumwe bw'abakristo) bwa Kiliziya gatolika, byiyemeje gutegurira hamwe amasomo y'Icyumweru cy'amasengesho yo gusabira ubumwe bw'abakristo buri mwaka.

1968 Ku ncuro ya mbere, Icyumweru cy'amasengesho yo gusabira ubumwe bw'abakristo, cyahimbajwe bashingiye ku masomo yateguwe ku bufatanye bwa komisiyo ishinzwe "Ukwemera n'inzego ziyigize" n'Ubunyamabanga bw'ubumwe bw'abakristo (ubu ni Inama ifasha Papa guteza imbere ubumwe bw'abakristo).

1975 Ikoraniro rya mbere ry'Icyumweru cy'amasengesho yo gusabira ubumwe bw'abakristo, bahereye ku masomo yateguwe bashingiye ku mushinga watanzwe n'itsinda mpuzamatorero mu gihugu. Ubwo buryo bushya bwo gutegura amasomo bwatangijwe n'itsinda mmmmpuzamatorero ryi muri Ostraliya.

1988 Amasomo y'Icyumweru cy'amasengesho yo gusabira ubumwe bw'abakristo yakoreshejwe mu muhimbazo wo gutangiza Ubumwe bw'abakristo muri Maleziya, wari ukoraniyemo amatsinda ya gikristo y'ingenzi muri icyo gihugu.

1994 Itsinda mpuzamahanga ryateguye amasomo yo mu mwaka 1996, harimo n'uhagarariye

YMCA na YWCA.

2004 Ubwumvikane hagati ya Komisiyo ishinzwe "Ukwemera n'inzego ziyigize" (Inama ishinzwe ubumwe bw'amatorero) n'Inama ifasha Papa guteza imbere ubumwe bw'abakristo (Kiliziya gatolika) kugira ngo agatabo k'Icyumweru

cy’amasengesho yo gusabira ubumwe bw’abakristo gatangazwe ku mugaragaro no mu ngano isanzwe.

2008 Umuhimbazo w’isabukuru y’imyaka ijana y’Icyumweru cy’amasengesho asabira ubumwe bw’abakristo (Amasengesho y’iminsi umunani yo gusabira ubumwe bw’umuryango w’abemera Kristo) wahimbajwe ku ncuri ya mbere mu 1908.

2017 Mu guhimbaza isabukuru y’imyaka 500 y'Ivugurura, amasomo y’Icyumweru cy’amasengesho asabira ubumwe bw’abakristo mu mwaka wa 2017 yateguwe n'abakristo bo mu Budage.